Ingingo ya 228: Igura rikozwe n'undi muntu	**Article 228: Purchase by a third party**	**Article 228: Achat par une tierce partie**
Ingingo ya 229: Inshingano yo gutegura isoko k'ushobora kugura imigabane y'isosiyete iri hejuru ya 50%	**Article 229: Obligation to make a tender offer by the potential acquirer of 50% of a company**	**Article 229: Obligation d'offre d'achat par le potentiel acquéreur de 50% des actions d'une société**
Ingingo ya 230 : Gusonerwa igururwa	**Article 230: Exemption from buyout**	**Article 230: Exemption de rachat**
Ingingo ya 231: Nta gururwa ribaho ku isosiyete itagishoboye kwishyura imye nda	**Article 231: No buyout if insolvent**	**Article 231: Impossibilité de rachat en cas d'insolvabilité**
UMUTWE WA X : ISOSIYETE Y'INYAMAHANGA N'ISOSIYETE IDAKORA	**CHAPTER X: FOREIGN COMPANY AND DORMANT COMPANY**	**CHAPITRE X: SOCIÉTÉ ÉTRANGÈRE ET SOCIÉTÉ EN VEILLEUSE**
Agace ka mbere: Amasosiyete yo mu mahanga	**Section one: Foreign companies**	**Section première: Sociétés étrangères**

Ingingo ya 232: Iyandikisha ry'isosiyete y'inyamahanga	**Article 232: Foreign company to register**	**Article 232 : Société étrangère devant être enregistrée**
Ingingo ya 233: Gusaba kwandikwa	**Article 233: Application for registration**	**Article 233: Demande d'enregistrement**
Ingingo ya 234: Kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga	**Article 234: Registration of foreign company**	**Article 234: Enregistrement d'une société étrangère**
Ingingo ya 235: Kugaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga	**Article 235: Disclosure of foreign company's name**	**Article 235: Révélation du nom de la société étrangère**
Ingingo ya 236: Kohereza inyandiko isosiyete y'inyamahanga	**Article 236: Service of documents to a foreign company**	**Article 236: Notification à une société étrangère**
Ingingo ya 237: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete cyangwa izindi nyandiko	**Article 237: Alteration of incorporation documents and any other documents**	**Article 237: Modification des documents constitutifs et autres documents**
Ingingo ya 238: Inyandiko zihabwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru	**Article 238: Documents delivered annually to the Registrar General**	**Article 238: Documents transmis annuellement au Registraire Général**
Ingingo ya 239: Ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete y'inyamahanga	**Article 239: Annual accounts of foreign company**	**Article 239: Comptes annuels d'une société étrangère**
Ingingo ya 240: Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka	**Article 240: Misconduct and penalties in relation to annual accounts**	**Article 240: Fautes et sanctions relatives aux comptes annuels**
Ingingo ya 241: Inyandiko ngarukamwaka ku makuru	**Article 241: Annual return of foreign company**	**Article 241: Rendement annuel d'une société étrangère**
Ingingo ya 242: Kureka imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda	**Article 242: Ceasing to carry on business in Rwanda**	**Article 242: Cessation des activités commerciales au Rwanda**
Ingingo ya 243: Ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko	**Article 243: Enforcement**	**Article 243 : Mise en application**
Icyiciro cya 2: Isosiyete idakora	**Section 2: Dormant company**	**Section 2 : Société en veilleuse**

Ingingo ya 244: Ibisobanuro by'isosiyete idakora	**Article 244: Definition of a dormant company**	**Article 244: Définition de la société en veilleuse**
Ingingo ya 245: Isosiyete ishobora kwandikwa nk'isosiyete idakora	**Article 245: Company which may be registered as a dormant company**	**Article 245: Société pouvant être enregistrée comme société en veilleuse**
Ingingo ya 246: Kutitwa isosiyete idakora	**Article 246: Non-declaration as a dormant company**	**Article 246: Ne pas se déclarer société en veilleuse**
Ingingo ya 247: Imenyekanisha ry'isosiyete idakora	**Article 247: Notice by a dormant company**	**Article 247: Notification d'une société en veilleuse**
Ingingo ya 248: Imenyekanisha ry'isosiyete yongeye gukora	**Article 248: Notice by a company which ceases to be dormant**	**Article 248: Notification d'une société qui a cessé d'être en veilleuse**
Ingingo ya 249: Ibyo amasosiyete adakora asonerwa	**Article 249: Exemption for dormant companies**	**Article 249: Exemption faite aux sociétés en veilleuse**
UMUTWE WA XI : KUBAHIRIZA ITEGEKO	**CHAPTER XI: ENFORCEMENT OF THE LAW**	**CHAPITRE XI: MISE EN APPLICATION DE LA LOI**
Icyiciro cya mbere : Umwanditsi Mukuru, ibitabo, ibipimo, kubika inyandiko n'igenzura	**Section One: Registrar General, registers, indices, filing and inspections**	**Section première: Registraire Général, registres et répertoires, classements et inspections**
Ingingo ya 250 : Umwanditsi Mukuru	**Article 250: Registrar General**	**Article 250 : Registraire Général**
Ingingo ya 251: Igitabo cy'amasosiyete	**Article 251: Register of companies and indices**	**Article 251: Registre des sociétés et répertoires**
Ingingo ya 252 : Ibikorwa by'Umwandisti Mukuru amaze kubona inyandiko	**Article 252: Actions by Registrar General upon receipt of documents**	**Article 247: Actions du Registraire Général après réception des documents**
Ingingo ya 253 : Ivugurura ry'icyemezo cy'inyandiko y'ishingwa	**Article 253: Amendment of certificate of incorporation**	**Article 253: Modification du certificat de constitution**

Ingingo ya 254 : Igenzura ry'ibitabo n'ibipimo bibitswe n'Umwandisti Mukuru	**Article 254: Inspection of registers and indices kept by Registrar General**	**Article 254: Inspection des registres et répertoires conservés par le Registraire Général**
Ingingo ya 255 :Amafaranga yishyurwa ku mirimo yakozwe n'Umwanditsi Mukuru	**Article 255: Fees payable to Registrar General**	**Article 255: Frais dus au Registraire Général**
Icyiciro cya 2: Ikurwa ry'isosiyete mu gitabo	**Section 2: Removal of company from the register**	**Section 2: Radiation d'une société au registre**
Ingingo ya 256: Ingaruka zo gukura isosiyete mu gitabo	**Article 256: Effect of removal from register**	**Article 256: Effet de la radiation du registre**
Ingingo ya 257: Impamvu zituma isosiyete ikurwa mu gitabo	**Article 257: Grounds for removal from register of companies**	**Article 257: Motifs de radiation au registre des sociétés**
Ingingo ya 258:Itangazwa ry'icyifuzo cyo gusiba isosiyete mu gitabo	**Article 258: Notice of intention to remove company from register**	**Article 258: Notification de radiation au registre des sociétés**
Ingingo ya 259: Impamvu zo gutambamira ikurwa ry'isosiyete mu gitabo	**Article 259: Grounds for objecting to removal from register**	**Article 259: Motifs d'opposition à la radiation au registre des sociétés**
Ingingo ya 260: Ibikorwa n'Umwanditsi Mukuru iyo yakiriye itambamira	**Article 260: Duties of Registrar General where objection received**	**Article 260: Responsabilités du Registraire Général en cas d'opposition reçue**
Ingingo ya 261: Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete	**Article 261: Property of a company removed from register**	**Article 261: Biens d'une société radiée au registre des sociétés**
Icyiciro cya 3: Ishyira mu bikorwa	**Section 3: Enforcement**	**Section 3: Exécution**
Ingingo ya 262: Itegeko ry'ishyira mu bikorwa	**Article 262: Enforcement order**	**Article 262: Titre exécutoire**
Icyiciro cya 4: Kugenzura imikorere y'amasosiyete	**Section 4: Investigation into companies business**	**Section 4: Inspection des activités des sociétés**
Ingingo ya 263: Igenzura ritegetswe na Minisitiri	**Article 263: Mandatory investigation ordered by the Minister**	**Article 263 : Inspection obligatoire ordonnée par le Ministre**

Ingingo ya 264: Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'ibikorwa by'isosiyete

Ingingo ya 265: Urwego rwishyura amafaranga y'ikurikirana n'igenzura

Ingingo ya 266: Igenzura ritegetswe n'Umwanditsi Mukuru

Ingingo ya 267: Gusaba gukurikirana ibikorwa by'isosiyete no gutanga ingwate y'amafaranga yakoreshwa kuri icyo gikorwa

Ingingo ya 268: Abahabwa raporo

Ingingo ya 269: Gutangariza rubanda igenzura risabwe

Ingingo ya 270: Amakosa yatuma umugenzuzi w'imari akurikiranwa

Ingingo ya 271: Zimwe mu mpamvu zatuma Umwanditsi Mukuru arega isosiyete mu rukiko

Ingingo ya 272: Ishyirwaho ry'umugenzuzi bikozwe n'isosiyete ushinzwe kugenzura ibikorwa byayo bwite

Ingingo ya 273: Gutanga imyanzuro ku bayigenewe

Article 264: Appointment of inspector of the business of the company

Article 265: Organ to bear expenses incurred in the investigation

Article 266: Investigation ordered by the Registrar General

Article 267: Application for the investigation and provision of security as to the money to be used in this process

Article 268: Persons to whom a report copy is submitted

Article 269: Publication of the required investigation

Article 270: Faults that may lead an auditor to be held accountable

Article 271: Reasons following which the Registrar General may lodge a case before the court against a company

Article 272: Appointment of an inspector by a company to investigate its own affairs

Article 273: Reporting

Article 264: Nomination d'un inspecteur des activités d'une société

Article 265: Institution en charge des frais inhérents à l'inspection

Article 266: Inspection ordonnée par le Registraire Général

Article 267: Demande d'inspection des activités d'une société et versement d'une garantie des coûts de cette activité

Article 268: Destinataires de copie du rapport

Article 269: Publication de l'inspection requise

Article 270: Fautes pouvant occasionner une procédure judiciaire à l'encontre d'un auditeur

Article 271: Certaines raisons pouvant pousser le Registraire Général à engager une procédure judiciaire à l'encontre d'une société

Article 272: Nomination d'un inspecteur par la société d'enquêter les activités de la société

Article 273: Remise de conclusions

Ingingo ya 274: Igenzurwa ry' isosiyete ishamikiye ku yindi

Ingingo ya 275: Aho ububasha bw'umugenzuzi w'ibikorwa bugarukira

Ingingo ya 276: Imikorere n'ububasha by'umugenzuzi w'ibikorwa

Ingingo ya 277: Imenyekanisha risaba gutanga amakuru

Ingingo ya 278: Icungwa ry'ibitabo bikoreshwa mu gihe cy'igenzura

Ingingo ya 279: Inshingano yo gusubiza ibibazo by'umugenzuzi w'ibikorwa

Ingingo ya 280: Ibyavuzwe mu igenzura bifatwa nk'ikimenyetso mu gihe cy'urubanza

Ingingo ya 281: Gusubiza ibyangijwe k'uwahamwe n'icyaha

Ingingo ya 282: Gukoresha raporo y'umugenzuzi nk'ikimenyetso cy'urukiko

Ingingo ya 283: Abagenzuzi b'ibikorwa bashyizweho n'isosiyete y'inyamahanga

UMUTWE WA XII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Article 274: Investigation of a subsidiary company

Article 275: Scope of powers of an inspector

Article 276: Procedure and powers of inspector

Article 277: Notice for the production of information

Article 278: Management of the books used during the investigation

Article 279: Obligation to answer questions asked by the inspector

Article 280 Statements made during the investigation and considered as evidence in legal proceedings

Article 281: Reimbursement by the convict

Article 282: Report of inspector admissible as evidence before the court

Article 283: Inspectors appointed by a foreign company

CHAPTER XII: FAULTS AND ADMINISTRATIVE PENALTIES

Article 274: Inspection d'une société affiliée

Article 275: Délimitation des pouvoirs d'un inspecteur

Article 276: Procédure et pouvoirs de l'inspecteur

Article 277: Avis de demande de fourniture d'information

Article 278: Gestion des documents utilisés lors de l'inspection

Article 279: Obligation de répondre aux questions de l'inspecteur

Article 280: Éléments de l'inspection comme preuve lors d'une procédure judiciaire

Article 281: Réparation des dommages par une personne reconnue coupable

Article 282 : Rapport de l'inspecteur admissible comme preuve

Article 283: Inspecteurs nommés par une société étrangère

CHAPITRE XII : FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES

Ingingo ya 284: Ibihano bitangwa kubera kutubahiriza inshingano ziteganywa n'iri tegeko	**Article 284: Penalties for failure to comply with the law**	**Article 284: Sanctions au non-respect des dispositions de la présente loi**
Ingingo ya 285: Ibihano bihabwa isosiyete itagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko	**Article 285: Penalties for a company which fails to keep the books that are required by this Law**	**Article 285: Sanctions contre une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi**
Ingingo ya 286: Ibihano bihabwa isosiyete idatanga inyandiko ziteganywa n'iri tegeko	**Article 286: Penalties for a company which fails to provide the documents required by this Law**	**Article 286: Sanctions contre une société qui ne donne pas les documents prévus par la présente loi**
Ingingo ya 287: Isubiracyaha	**Article 287: Recidivism**	**Article 287: Récidive**
Ingingo ya 288: Imenyekanisha ry'ibinyoma	**Article 288: False or misleading notice**	**Article 288: Fausses déclarations**
Ingingo ya 289: Gutanga nkana inyandiko itari iy'ukuri	**Article 289: Knowingly submitting a false document**	**Article 289: Fournir intentionnellement un faux document**
Ingingo ya 290: Uburyozwe burebana n'Ibaruramari ry'umwaka	**Article 290: Liability in relation to annual accounts**	**Article 290 : Responsabilité relative aux comptes annuels**
Ingingo ya 291: Igihano cyo guhamagarira rubanda kuguramo imigabane mu isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane	**Article 291: Penalty for contravening restrictions on public offers by a private company**	**Article 291: Sanction relative aux restrictions pour les offres publiques dans une société privée**
Ingingo ya 292: igihano cyo kudatanga ibaruramari ry'umwaka, raporo y'abayobozi na raporo y'umugenzuzi w'imari	**Article 292: Penalties for failing to deliver annual accounts, directors' report and auditor's report**	**Article 292: Sanctions pour non transmission des comptes annuels, du rapport des administrateurs et du rapport de l'auditeur**
UMUTWE WA XIII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER XIII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE XIII: INFRACTIONS ET SANCTIONS**
Ingingo ya 293: Igihombo cyikururiwe cyoroshye	**Article 293: Simple fraudulent bankruptcy**	**Article 293: Faillite frauduleuse simple**

Ingingo ya 294: Ibikorwa bifatwa kimwe n'igihombo cyikururiwe cyoroshye	**Article 294: Acts which qualify as simple fraudulent bankruptcy**	**Article 294: Actes qualifiés de faillite frauduleuse simple**
Ingingo ya 295: Igihombo cyikururiwe gikomeye	**Article 295: Grave fraudulent bankruptcy**	**Article 295: Faillite frauduleuse grave**
Ingingo ya 296: Ibikorwa by'igihombo cyikururiwe gikozwe n'abayobozi b'isosiyeti itagishoboye kwishyura	**Article 296: Fraudulent action by a representative of an insolvent company**	**Article 296: Faillite frauduleuse commise par les représentants d'une société insolvable**
Ingingo ya 297: Gufata nabi ibitabo by'ibaruramari	**Article 297: Poor book-keeping**	**Article 297: Mauvaise tenue des livres**
Ingingo ya 298: Kwanga gutanga amakuru y'isosiyete yashyizwe mu izahurwa ry'ubucuruzi	**Article 298: Refusal to provide information about an insolvent company**	**Article 298: Refus de fournir les informations sur une société insolvable**
Ingingo ya 299: Ibyaha by'ushinzwe kugabanya no kugurisha umutungo w'isosiyete	**Article 299: Offences by a liquidator**	**Article 299: Infractions commises par le liquidateur**
Article 300: Gusiba cyangwa guhisha umutungo mu buriganya bigamije kurengera uwahombye	**Article 300: Removal or fraudulent concealment of assets in favour of the bankrupt**	**Article 300: Retrait ou dissimulation frauduleuse des biens au bénéfice du failli**
Ingingo ya 301: Gukorana uburiganya n'uwahombye	**Article 301: Fraudulent dealings with a bankrupt**	**Article 301: Rapports frauduleux avec une faille**
Ingingo ya 302: Icyemezo cy'urukiko cyambura ububasha	**Article 302: Disqualification order**	**Article 302: Ordonnance de déchéance**
Ingingo ya 303: Imikoreshereze mibi n'iyonona by'umutungo w'isosiyete	**Article 303: Fraudulent use and destruction of company's property**	**Article 303: Abus et destruction des biens de la société**
Ingingo ya 304: Gukora imirimo y'ubucuruzi mu buriganya	**Article 304: Carrying on business fraudulently**	**Article 304: Exercice frauduleux des activités commerciales**

Ingingo ya 305: Ibihano ku bikorwa by'uburiganya	**Article 305 : Penalties for carrying on business fraudulently**	**Article 305: Sanctions imposées aux actes frauduleux**
Ingingo ya 306: Ibindi byaha Bitabangamiye ibiteganywa	**Article 306: Other offences**	**Article 306: Autres infractions**
UMUTWE WA XIV: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER XIV: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE XIV: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 307: Agaciro k'ibyakozwe	**Article 307: Validity of acts performed**	**Article 307 : Validité des actes accomplis**
Ingingo ya 308: Ibikorwa bijyanye n'imanza zatangiye	**Article 308: Acts relating to ongoing proceedings**	**Article 308 : Actes relatifs aux procès en cours**
Ingingo ya 309: Itegeko rikurikizwa ku byerekeye kubika ibitabo n'amafaranga	**Article 309: The Law applying to the keeping of register, fund and account**	**Article 309: Loi applicable au registre, fonds et comptes**
Ingingo ya 310: Kurangiza imirimo y'isesa ryatangiye	**Article 310: Continuing the winding up process**	**Article 310: Continuité de la procédure de dissolution**
Ingingo ya 311: Igihe ntarengwa cyo guhuza imirimo y'isosiyete n'iri tegeko	**Article 311: Deadline for conforming to the provisions of this Law**	**Article 311: Délai de conformité aux dispositions de la présente loi**
Ingingo ya 312: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 312: Repealing provision**	**Article 312: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 313: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 313: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 313: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 314: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 314: Commencement**	**Article 314: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 27/2017 RYO KU WA 31/05/2017 RIGENGA AMASOSIYETE Y'UBUCURUZI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25 Gicurasi 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

LAW N°27/2017 OF 31/05/2017 GOVERNING COMPANIES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 25 May 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 and 176;

Having reviewed Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

ADOPTS:

LOI N° 27/2017 DU 31/05/2017 RÉGISSANT LES SOCIÉTÉS COMMERCIALES

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 mai 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120 et 176;

Revu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour;

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, ishingwa, iyandikisha, imikorere n'ihagarikwa ryayo n'ibindi bijyanye na byo.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira :

1° **agaciro k'igurisha** : igiciro ikintu cyagurishwaho hakubiyemo ibyatanzwe mu igurishwa ryacyo;

2° **ibaruramari ry'umwaka rya sosiyete**: ibaruramari rikorwa mu gihe cy'ibaruramari na sosiyete imwe cyangwa itsinda ry'amasosiyete yibumbiye hamwe.

Inyandiko z'icungamari z'isosiyete imwe zigaragaza ibikorwa by'isosiyete mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo, inyungu cyangwa igihombo, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari shingiro n'ibyayihindutseho.

Inyandiko z'icungamari z'itsinda ry'amasosiyete zigaragaza ibikorwa by'itsinda mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo w'itsinda, inyungu cyangwa igihombo by'itsinda, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This law governs companies, their incorporation, registration, functioning, winding-up and other related matters.

Article 2: Definitions of terms

As used in this Law, the following terms shall have the meanings ascribed to them below:

1° **realisable value:** the price at which an asset would be sold including the costs incurred in realising the sale;

2° **annual accounts**: the accounting process carried out during the accounting period by a company or a group of companies;

Individual accounts show the activities of a company during the accounting period, which include a balance sheet, a profit and loss account, cash flow statements, statement of changes in equity.

Group accounts show the activities of a group during the accounting period, which include a consolidated balance sheet for the group, a consolidated profit and loss account for the group, cash flow statements, statement of changes in

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi régit les sociétés commerciales, leurs constitution, enregistrement, fonctionnement et liquidation ainsi que d'autres matières y relatives.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **valeur réalisable:** prix auquel un actif serait vendu y compris les frais engagés dans la réalisation de la vente;

2° **comptes annuels**: processus comptable effectué lors de l'exercice comptable par une société ou par un groupe de sociétés;

Les comptes individuels indiquent les activités d'une société au cours de l'exercice comptable y compris un bilan, un compte de profits et pertes, les états des flux de trésorerie, les capitaux propres et leur variation.

Les comptes du groupe de société indiquent les activités du groupe au cours de l'exercice comptable y compris un bilan consolidé du groupe, un compte de profits et pertes consolidé du groupe, un compte de profits et pertes, les états des flux de

shingiro n'ibyayihindutseho n'inyandiko iyo ari yo yose yakomekwa ku nyandiko y'icungamari ry'itsinda itanga amakuru y'inyongera.

3° **ibaruramari ry'umwaka ryihariye:** inyandiko z'icungamari z'isosiyete zigaragaza ibikorwa by'isosiyete mu gihe cy'ibaruramari harimo ifoto y'umutungo, inyungu cyangwa igihombo, inyandiko zigaragaza amafaranga yinjiye n'ayasohotse, imari shingiro n'ibyayihindutseho;

4° **icyicaro:** ahantu, haba ku nyubako cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga, ubutumwa n'imenyesha bigezwa kuri sosiyete ;

5° **icyiciro cy'imigabane:** amatsinda y'imigabane atanga uburenganzira bungana kubayitunze;

6° igabana: igikorwa cy'ihererekanya ry'amafaranga cyangwa undi mutungo rikozwe na sosiyete ku banyamigabane bayo, uretse imigabane bwite ya sosiyete;

7° **igihe cy'ibaruramari**: igihe cy'umwaka, cyangwa ikindi gihe cyemejwe na sosiyete kirangira ku itariki fatizo y'ibaruramari yemejwe n' isosiyete;

equity and any other documents which may be attached to the group accounts to provide additional information.

3° **individual annual accounts:** a set of accounts showing the activities of a company during the accounting period, which include a balance sheet, a profit and loss account, cash flow statements, equity and changes therein;

4° **registered office:** a location in the form either of a building facility or of an electronic address to which communications and notices to the company are addressed;

5° **class of shares:** groups of shares that issue to shareholders identical rights;

6° **distribution:** the transfer of money or other property by a company to its shareholders, except the company's own shares;

7° **accounting period:** a period consisting of one year or any other period determined by a company ending on an accounting reference date of a company;

trésorerie, les capitaux propres et leur variation et tout autre document pouvant être joint aux comptes du groupe pour fournir des informations supplémentaires.

3° comptes annuels individuels: ensemble de comptes indiquant les activités d'une société au cours de l'exercice comptable y compris un bilan, un compte de profits et pertes, les états des flux de trésorerie, les capitaux propres et leur variation ;

4° siège social: emplacement sous forme soit de bâtiment, soit d'adresse électronique, auquel les communications et notifications à la société sont adressées;

5° **catégorie d'actions :** groupes d'actions qui confèrent aux actionnaires des droits identiques ;

6° **distribution :** transfert de fonds ou d'autres biens par une société au profit de ses actionnaires, sauf les actions propres de la société ;

7° **exercice comptable** : période d'un an ou toute autre période fixée par une société qui se termine à une date de référence comptable d'une société ;

8° **igitabo cy'abanyamigabane:** igitabo cy'isosiyete kigaragaza amazina y'abanyamigabane n'imigabane yabo n'ibindi biteganywa n'iri tegeko;

9° **igitabo cy'amasosiyete:** igitabo cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bibikwa n'Umwanditsi Mukuru byandikwamo ibintu byose by'isosiyete biteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko ;

10° **igitabo cy'inyungu bwite:** igitabo giteganyirizwa kwandikwamo amakuru y'abayobozi n'abanyamigabane bafite ubwiganze bw'imigabane bafite inyungu bwite mu bikorwa by'ubucuruzi bya sosiyete;

11° **ikirego kiziguye:** ikirego gitanzwe n'umunyamigabane w'isosiyete biturutse ku burenganzira bwo kurega bw'isosiyete kandi gitanzwe mu izina ry'isosiyete kugira ngo irenganurwe;

12° **inama idasanzwe y'abanyamigabane**: inama ishobora guterana igihe cyose bibaye ngombwa ;

13° **inama ngarukamwaka y'abanyamigabane:** inama y'Abanyamigabane iterana buri mwaka hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;

8° **register of shareholders:** a company's register which provides information as to the shareholders' names and their shareholdings and such other particulars as provided by this law;

9° **register of companies:** a register or any other electronic record kept by the Registrar General, into which are entered all the matters prescribed by or under this law or other laws;

10° **register of interests:** a register used to record information on directors and majority shareholders whose interests conflict with the company's business;

11° **derivative action:** a claim brought about by a shareholder of a company in respect of a cause of action vested in the company and seeking relief on behalf of the company;

12° **shareholders' extraordinary meeting:** a meeting which may be held whenever necessary;

13° **shareholders' annual meeting:** the meeting of shareholders held every year in accordance with the provisions of this law;

8° **registre des actionnaires:** registre d'une société qui contient des informations sur les noms et les participations des actionnaires et tous autres renseignements prévus par la présente loi;

9° **registre des sociétés** : registre ou tout autre document électronique tenus par le Registraire Général, dans lesquels figurent toutes les données sur une société prescrites par la présente loi ou d'autres lois;

10° **registre d'intérêts:** registre servant à enregistrer des informations sur les administrateurs et les actionnaires majoritaires ayant un conflit d'intérêts dans les activités de la société;

11° **action oblique:** réclamation faite par un actionnaire d'une société à l'égard d'une action dévolue à la société et tendant à la réparation au nom de la société ;

12° **assemblée extraordinaire des actionnaires :** réunion qui peut se tenir chaque fois que de besoin;

13° **assemblée annuelle des actionnaires :** réunion des actionnaires tenue chaque année conformément à la présente loi ;

14° **intumwa bwite:** umuntu uhagararira umunyamigabane wapfuye akaba agira uburenganzira bungana n'ubw'uwo ahagarariye;

15° **inyandiko iri mu buryo buteganyijwe:** inyandiko iteganywa n'Iteka rya Minisitiri cyangwa amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru ikubiyemo ikanomekwaho amakuru n'inyandiko byasabwa n'iryo Teka cyangwa amabwiriza;

16° **inyandiko itangazwa :** inyandiko yatangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda cyangwa mu kindi kinyamakuru gisomwa cyane mu gihugu cyangwa ku bundi buryo bw'ikoranabuhanga.

17° **inyandiko ngarukamwaka ku makuru y'isosiyete**: inyandiko ishyikirizwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru ikubiyemo amakuru yerekeye sosiyete harimo abanyamigabane, abagize Inama y'Ubutegetsi, imari shingiro, icyicaro cya sosiyete imyenda n'ifoto y'umutungo;

18° **inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete:** amategeko shingiro cyangwa inyandiko y'ubwumvikane bwo gushinga isosiyete cyangwa byombi kimwe n'icyahindurwa kuri izo nyandiko;

19° **inyungu ku mugabane**: umubare w'amafaranga isosiyete igenera

14° **personal representative:** a person representing a deceased shareholder and entitled to the same rights as the deceased shareholder;

15° **prescribed form:** a form prescribed by an Order of the Minister or Instructions of the Registrar General and containing and having attached such information and documents as such Order or Instructions may require;

16° **public notice:** a notice published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda or in the most widely circulated newspaper in the country or through any other electronic means;

17° **annual return:** a yearly statement filed with the Registrar General which gives essential information about a company including details about shareholders, directors, capital, registered office, liabilities and balance sheet;

18° **incorporation documents :** articles of association or memorandum of association or both and any subsequent alteration to such documents;

19° **dividend:** a sum of money paid regularly by a company to its shareholders out of its

14° **représentant successoral:** personne représentant un actionnaire décédé et jouissant des mêmes droits que ce dernier;

15° **formulaire prescrit:** formulaire prescrit par Arrêté du Ministre ou les instructions du Registraire Général contenant et ayant en annexe les informations et les documents tels que requis par lesdits Arrêté ou instructions;

16° **avis public :** avis publié au Journal Officiel de la République du Rwanda ou dans le journal ayant la plus grande diffusion dans le pays ou par tout autre moyen électronique;

17° **déclaration annuelle:** déclaration déposée chaque année auprès du Registraire Général et qui contient des renseignements sur une société notamment les détails sur les actionnaires, les administrateurs, le capital social, le siège social, le passif et le bilan;

18° **documents constitutifs :** statuts ou mémorandum d'association ou les deux et toute modification ultérieure qui y est apportée;

19° **dividende :** somme d'argent versée régulièrement par une société à ses

abanyamigabane bayo ku buryo ngarukagihe, aturutse ku nyungu zayo;

20° **ishingwa ry'isosiyete:** uburyo buteganywa n'itegeko bukurikizwa kugira ngo isosiyete ishyirweho kandi ibone ubuzima gatozi butandukanye n'abayishinze;

21° **isosiyete ibumbye izindi:** isosiyete iba ibumbye indi igihe iyo ya nyuma yabyawe nayo;

22° isosiyete y'inyamahanga: isosiyete itarashingiwe mu Rwanda ariko ifite ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda.

Isosiyete yanditswe muri kimwe mu bihugu byo mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba kimwe n'amasosiyete akomoka mu bihugu bifitanye amasezerano n'u Rwanda muri uru rwego ntibirebwa n'igisobanuro cy'isosiyete y'inyamahanga kandi bifatwa nk'isosiyete yo mu gihugu**.**

23° itangwa ry'imigabane: igikorwa cyo guha umuntu uburenganzira bwuzuye bwo kwandikwaho imigabane ye mu gitabo cy'abanyamigabane;

24° **itariki fatizo y'ibaruramari**: itariki yemezwa na sosiyete ko aricyo gihe ihagarikiraho ibaruramari ryayo;

profits;

20° **incorporation**: legal process used for a company to be formed and have legal personality separate from that of its owners;

21° **holding company:** a company that owns another company if that other company is its subsidiary;

22° **foreign company:** a company incorporated outside Rwanda but which is carrying on business in Rwanda.

A company incorporated in a member state of the East African Community and companies from countries having relevant agreements with Rwanda are excluded from the definition of a foreign company and are accorded national treatment.

23° **allotment of shares**: an act by which a person acquires the unconditional right to be included in the register of shareholders in respect of shares;

24° **accounting reference date**: a date adopted by a company on which such a company's accounts are closed;

actionnaires à partir de ses bénéfices;

20° **constitution d'une société** : procédure légale utilisée pour qu'une société soit formée et qu'elle ait une personnalité juridique distincte de celle de ses propriétaires ;

21° **société holding :** société qui est propriétaire d'une autre société si cette dernière en est une filiale;

22° société de droit étranger: société constituée à l'extérieur du Rwanda mais qui exerce ses activités au Rwanda.

Une société constituée dans l'un des États membres de la Communauté d'Afrique de l'Est ainsi que des sociétés issues des pays ayant des accords pertinents avec le Rwanda sont exclues de la définition d'une société étrangère et bénéficient du traitement national.

23° **attribution d'actions**: acte par lequel une personne acquiert, à l'égard des actions, le droit inconditionnel de figurer dans le registre des actionnaires;

24° **date de référence comptable**: date adoptée par la société pour marquer la période de clôture de ses comptes;

25° itsinda ry'amasosiyete : isosiyete nkuru n'andi masosiyete yose ayishamikiyeho**;**

26° **kugaragaza ubushobozi bwo kwishyura**:

(a) isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo igeze igihe cy'ubwishyu nta bukerererwe bubayeho kandi nta gihungabanyije imirimo isanzwe y'ubucuruzi;

(b) umutungo wayo uva ku byinjira uruta agaciro k'imyenda isosiyete irimo n'ay'imari shingiro yatanzwe, yaba imyenda iriho cyangwa indi;

27° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze ;

28° **uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y'abandi:** uburenganzira buhabwa abanyamigabane bwo kugenerwa indi migabane iri mu rwego rumwe n'imigabane bafite cyangwa mu rwego rwisumbuye, yaba yerekeranye n'uburenganzira bwo gutora cyangwa uburenganzira bwo kugabana, cyangwa byombi, mu buryo bigumishaho uburenganzira mu gutora no mu kugabana mu gihe byemewe ;

29° **umubare wihariye uranga isosiyete:** umubare Umwanditsi Mukuru agenera isosiyete mu gihe cy'ishingwa ryayo ;

30° **umugabane wakwisubizwa:** umugabane

25° **group of companies:** a parent company and all its subsidiaries;

26° **solvency test:**

(a) the company is able to pay its debts as they become due in the normal course of business;

(b) the realizable value of the company's assets is greater than the aggregate of the present value of its liabilities, whether contingent or otherwise.

27° **Minister:** the Minister in charge of trade;

28° **pre-emption rights:** shareholders' rights to be offered any further allotment of shares which rank equally with or prior to existing shares, whether as to voting or distribution rights, or both, in such a manner and on such terms as would if accepted, preserve their relative voting and distribution rights;

29° **company's registered code:** a number that is allocated to a company by the Registrar General upon its incorporation;

30° **redeemable share:** a share redeemable

25° **groupe de sociétés :** une société mère et toutes ses filiales;

26° **test de solvabilité :**

(a) la société est en mesure de payer ses dettes lorsqu'elles viendront à échéance dans le cours normal des activités ;

(b) la valeur réalisable des actifs de la société est supérieure à la valeur collective actuelle de son passif, qu'elle soit prévisible ou pas.

27° **Ministre :** Ministre ayant le commerce dans ses attributions;

28° **droits de préemption :** droits des actionnaires de se voir attribuer de nouvelles actions de rang égal ou supérieur au rang de leurs actions existantes, soit quant aux droits de vote ou de distribution, ou les deux, selon les modalités et les conditions qui, une fois acceptées, préservent leurs droits de vote et de distribution y afférents;

29° **code enregistré d'une société:** numéro attribué à une société par le Registraire Général lors de sa constitution ;

30° **action rachetable:** action rachetable à

isosiyete ishobora kwigarurira ku kiguzi nk‘uko biteganywa mu nyandiko z‘ishingwa rya sosiyete mu gihe kigenwe;

31° **umugabane:** agace k’imari shingiro gahabwa buri munyamigabane cyangwa isosiyete ubwayo;

32° **umunyamigabane ukomeye:** umunyamigabane ufite hejuru ya mirongo itanu ku ijana (50%) by’amajwi mu itora;

33° **umunyamigabane:** umuntu ufite izina ryanditse mu gitabo cy’imigabane nk’ufite muri icyo gihe umugabane umwe cyangwa myinshi mu isosiyete;

a) umuntu uvugwa mu nyandiko isaba kwandikwa kw’isosiyete mu gihe cy’ishingwa ryayo kandi agafatwa nk’umunyamigabane kugeza aho izina rye ryandikiwe mu gitabo cy’imigabane;

b) umuntu ugomba kwandikwa mu gitabo cy’imigabane biturutse ku mushinga wo kwibumbira hamwe kw’amasosiyete, afatwa nk’umunyamigabane w’isosiyete yibumbiye hamwe n’indi kugeza igihe izina rye ryandikiwe mu gitabo cy‘‘imigabane cy’isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ;

by a company at a price within a specified period of time as provided under the company’s incorporation documents;

31° **share**: one of the equal parts into which a company’s capital is divided, being issued to every shareholder or the company itself;

32° **controlling shareholder :** a shareholder that controls more than fifty percent (50%) of the voting interests in the company;

33° **shareholder:** a person whose name is entered on the share register as the holder for the time being of one or more shares in the company;

a) a person whose name is entered in an application for company registration at the time of its incorporation and who is regarded as a shareholder until his/her name is entered in the share register;

b) a person whose name is to be entered on the share register under an amalgamation proposal is regarded as a shareholder in an amalgamated company until his/her name is entered in the share register;

un prix et au gré de la société dans un délai déterminé aux termes des documents constitutifs de la société;

31° **action :** une des parts égales dans lesquelles le capital d’une société est divisé et émise au profit de chaque actionnaire ou de la société elle-même;

32° **actionnaire majoritaire :** actionnaire qui détient plus de cinquante pourcent (50%) des droits de vote dans une société;

33° **actionnaire :** personne dont le nom est inscrit au registre des actions comme étant détentrice à un moment donné d’une ou de plusieurs actions dans la société;

a) personne dont le nom est inscrit dans la demande d’enregistrement d’une société au moment de sa constitution et qui est considérée comme actionnaire en attendant que son nom soit inscrit au registre des actions ;

b) personne dont le nom est à inscrire au registre des actions en vertu d’une proposition de fusion est considérée comme actionnaire dans une société fusionnée en attendant que son nom soit inscrit au registre des actions ;

34° **umutungo usagutse:** umutungo w'isosiyete usigaye nyuma yo kwishyura ababerewemo imyenda bose, ukaba ugomba gusaranganywa hakurikijwe inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete hamwe n'iri tegeko, mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete;

35° **umuyobozi:** umuntu uri mu Nama y'Ubutegetsi, yaba umunyamigabane cyangwa utariwe washyizweho n'abanyamigabane kugira ngo akurikirane imicungire y'isosiyete;

36° Umwanditsi Mukuru: Umuyobozi mu nzego za Leta ufite mu nshingano ze gutanga ubuzimagatozi ku masosiyete y'ubucuruzi no gukurikirana imikorere yayo;

37° **umwanditsi w'isosiyete:** umukozi wa sosiyete washyizweho n'urwego rubifitiye ububasha ufite mu nshingano kureba ko ibikorwa bya sosiyete bikurikiza ibiteganywa n'amategeko ;

38° **umwanzuro udasanzwe:** umwanzuro w'abanyamigabane ufatwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko y'ishingwa ry'isosiyete ufatwa ku bwiganze bwa 75% by'amajwi y'abanyamigabane batoye cyangwa ku bwiganze buri hejuru buvugwa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete bw'amajwi y'abanyamigabane

34º **surplus assets:** assets of a company remaining after the payment of creditors' claims and available for distribution in accordance with the company's incorporation documents and this law, prior to its removal from the register of companies;

35º **director:** a member of the Board of Directors, whether a shareholder or not, being appointed by shareholders to make follow-up on the management of a company;

36º **Registrar General:** a public service executive in charge of granting legal personality to and monitoring the functioning of companies;

37º **company's secretary**: a company's employee appointed by the competent authority and responsible, among other things, for ensuring that the company's business activities comply with the provisions of law;

38º **special resolution:** shareholders' resolution which by virtue of this law or by the company's incorporation document is passed by a majority of seventy-five percent (75%) or such higher majority as may be specified in the company's incorporation documents of the votes of shareholders

34° **excédents d'actif :** avoirs de la société restant après le paiement de tous ses créanciers et disponibles pour distribution conformément aux documents constitutifs de la société et de la présente loi, avant que la société ne soit radiée du registre des sociétés ;

35° **administrateur:** membre du conseil d'administration, qu'il soit ou non actionnaire, nommé par les actionnaires pour faire le suivi de la gestion d'une société ;

36° **Registraire général**: cadre au sein de la fonction publique ayant l'octroi de la personnalité juridique aux sociétés et le suivi du fonctionnement de ces dernières dans ses attributions;

37° **secrétaire d'une société :** employé de la société nommé par l'autorité compétente et chargé notamment de s'assurer de la conformité des activités commerciales de la société avec les dispositions de la loi;

38° **résolution spéciale :** résolution des actionnaires adoptée en vertu de la présente loi ou du document constitutif d'une société par une majorité de soixante-quinze pourcent (75%) ou plus selon que le stipulent les documents constitutifs de la société, des voix des actionnaires ayant un droit de vote et

bafite uburenganzira bwo gutora kuri icyo kibazo kandi batoye, cyangwa se utowe n'abanyamigabane bose mu gihe bivugwa mu nyandiko y'ishingwa ry'isosiyete;

39° **umwanzuro usanzwe :** umwanzuro wafashwe ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora ku kibazo kiri ku murongo w'ibyigwa, hakurikijwe ibiteganywa mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete n'iri tegeko ;

40° **umwanzuro wumvikanyweho na bose:** icyemezo cyafashwe n'abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo gutora ku kibazo cyasuzumwe, hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete.

UMUTWE WA II : ISHINGWA RY'ISOSIYE*TE*, UBUSHOBOZI N'IMIKORERE BYAYO

Icyiciro cya mbere: Ishingwa ry'isosiyete

Ingingo 3: Ishingwa ry'isosiyete

Umuntu umwe cyangwa benshi bashobora gushinga isosiyete bashyira hamwe umutungo, imirimo mu gikorwa cy'ubucuruzi bakabigaragaza buzuza inyandiko yabugenewe cyangwa bigakorwa bashingiye ku biteganywa n'iri tegeko. Ibi bikorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe itegurwa

entitled to vote and voting on the question, or passed by all shareholders if so specified in the company's incorporation document;

39º **ordinary resolution:** a decision taken by simple majority of the votes of those shareholders entitled to vote on an agenda item subject to the company's incorporation documents and this law;

40º **unanimous resolution:** a resolution which has the assent of all shareholders entitled to vote on the matter which is the subject of the resolution, by virtue of this law or the company's incorporation documents.

CHAPTER II: INCORPORATION, CAPACITY OF, AND FORMALITIES OF CARRYING ON A BUSINESS BY A COMPANY

Section One: Company incorporation

Article 3 : Company incorporation

One or more persons may form a company by pooling together resources or services for business purposes and filling out an appropriate form or by complying with the provisions of this Law. This is done by filling out an appropriate form developed by the Registrar General.

votant sur la question, ou adoptée par tous les actionnaires s'il est ainsi stipulé dans le document constitutif d'une société ;

39° **résolution ordinaire :** décision prise à la majorité simple des voix des actionnaires ayant droit de voter sur un point inscrit à l'ordre du jour sous réserve des dispositions des documents constitutifs de la société et de la présente loi ;

40° **résolution unanime :** résolution des actionnaires qui, en vertu de la présente loi ou des documents constitutifs d'une société, est adoptée par tous les actionnaires ayant droit de voter sur la question faisant l'objet de résolution.

CHAPITRE II: CONSTITUTION, CAPACITÉ D'UNE SOCIÉTÉ ET FORMALITÉS D'EXERCICE DE SES ACTIVITÉS

Section première: Constitution d'une société

Article 3: Constitution d'une société

Une ou plusieurs personnes peuvent créer une société en mettant des ressources ou des services en commun en vue d'une activité commerciale qui est attestée par le remplissage d'un document y relatif ou en se conformant aux dispositions de la présente loi. Cela se fait par le remplissage d'un

n'Umwanditsi Mukuru.

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'amasosiyete

Isosiyete iyo ari yo yose ishingwa hakurikijwe ibyiciro bikurikira:

1° isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;
2° isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

Ingingo ya 5: Iby'ibanze bisabwa isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane

Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ishingwa ari uko yujuje iby'ibanze bikurikira:

1° izina riherukwa n'amagambo "isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane" cyangwa inyuguti "Ltd**;**

2° umugabane umwe cyangwa myinshi itanga uburenganzira bwo guhererekanywa bufite aho bugarukira;

3° umunyamigabane umwe cyangwa abanyamigabane benshi bafite uburyozwe busesuye cyangwa buhinnye;

4° ugize Inama y'Ubutegetsi umwe cyangwa benshi barimo nibura umwe ugomba kuba aba mu Rwanda mu buryo buhoraho;

Article 4: Categories of companies

Any incorporated company belongs to any of the following categories:

1° private company;

2° public company.

Article 5: Essential requirements for a private company

In order to be incorporated as a private company, a proposed company must have the following:

1° a name, ending with the words "private limited company" or the letters "Ltd";

2° one or more shares with restricted rights of transfer;

3° one or more shareholders, whose liability may be limited or unlimited;

4° one or more directors of whom at least one must be ordinarily resident in Rwanda;

formulaire approprié élaboré par le Registraire général.

Article 4: Catégories des sociétés

Toute société constituée appartient à l'une des catégories suivantes:

1° société privée ;

2° société publique.

Article 5: Conditions essentielles applicables à une société privée

Pour être constituée comme société privée, toute société proposée doit avoir:

1° une dénomination qui se termine par les mots « société privée à responsabilité limitée» ou les lettres « Ltd»;

2° une ou plusieurs actions avec droits limités de cession;

3° un ou plusieurs actionnaires dont la responsabilité doit être limitée ou illimitée;

4° un ou plusieurs administrateurs dont un au moins doit résider régulièrement au Rwanda ;

5° inyandiko z'ishingwa ryayo.

Ingingo ya 6: Ibiranga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane

Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane irangwa n'ibi bikurikira:

1° kugabanya uburenganzira bwo guhererekanya imigabane cyangwa imigabane nguzanyo;

2° kutarenza abanyamigabane ijana (100), ariko hatabariwemo abantu bayikorera cyangwa abigeze kuyikorera;

3° kubuza mu buryo ubwo ari bwo bwose guhamagarira abantu kuyiguramo imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yayo.

1° isosiyete igomba gusubirana uwo mugabane ku itariki yavuzwe muri iyo nyandiko, niba nta tariki yavuzwe isosiyete igomba guhita iwisubiza ikimara kubona iyo nyandiko;

grounds that:

1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any remaining shareholders; or

2° the terms of the offer and the consideration offered for the shares are not fair and reasonable to the company or to any remaining shareholders.

Section 3: Redeemable shares

Article 180: Redemption at option of the company

Where a share is redeemable at the option of the company, any such redemption is deemed to be an acquisition of the share for the purposes of Articles 176 to 178 of this Law.

Article 181: Redemption at the option of the shareholder

Where a share is redeemable at the option of the holder of the share, and the holder gives proper notice to the company requiring the share to be redeemed:

1° the company redeems the share on the date specified in the notice, or if no date is specified, on the date of receipt of the notice;

178 de la présente loi sur les motifs suivants:

1º il n'est pas dans les meilleurs intérêts de la société ou des actionnaires restants; ou

2º les termes de l'offre et de la contrepartie offerte pour les actions ne sont pas justes et raisonnables pour la société ou les actionnaires restants.

Section 3 : Actions rachetables

Article 180: Rachat au gré de la société

Lorsqu'une action est rachetable au gré de la société, un tel rachat est réputé être une acquisition de l'action aux fins des articles 176 à 178 de la présente loi.

Article 181: Rachat au choix de l'actionnaire

Lorsqu'une action est rachetable au gré du porteur de l'action, et le titulaire donne un avis approprié à la société exigeant la part à racheter:

1º la société doit racheter l'action à la date indiquée dans l'avis, ou si aucune date n'est spécifiée, à la date de réception de la notification;

2° guhera ku itariki yo kwisubiza umugabane, uwari uwufite wa mbere afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko zishinga isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.

Ku bw'ibivugwa mu ngingo ya 71 n'iya 72 z'iri tegeko, kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane biteganywa n'igika cya mbere n'icya 3 by'ingingo ya 75 y'iri tegeko.

<u>Ingingo ya 182</u>: Kwisubiza umugabane ku itariki yagenwe

Iyo inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete zagennye itariki yo kwisubiza umugabane:

1° isosiyete igomba kwisubiza uwo mugabane kuri iyo tariki;

2° guhera kuri iyo tariki, uwari ufite uwo mugabane afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga avugwa mu nyandiko zishingwa ry'isosiyete nk'aho azishyurwa uko kwisubiza kumaze gukorwa.

Kwisubiza umugabane guteganywa n'iyi ngingo ntabwo bifatwa nko kwishyura inyungu ku migabane hagamijwe kwisubiza inyungu zahawe umunyamigabane.

2° from the date of redemption the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being payable upon such redemption.

A redemption under Article is not a distribution for the purposes of Articles 71 and 72 but is deemed to be a distribution for the purposes of Article 75 paragraphs One and 3.

<u>Article 182:</u> Redemption upon a fixed date

Where a share is redeemable upon a date specified in the incorporation documents:

1° the company must redeem the share upon that date;

2° from that date, the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company in respect of the sum specified in the incorporation documents as being payable upon such redemption.

A redemption under this Article is not a distribution, but is deemed to be a distribution for the purposes of recovering a distribution from shareholder.

2º à partir de la date du rachat, l'ancien actionnaire se classe comme un créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant payable à un tel rachat.

Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution pour la mise en application des articles 71 et 72 de la présente loi , mais est considéré comme une distribution aux fins de l'article 75, alinéas premier et 3.

<u>Article 182</u>: Rachat à une date fixe

Lorsqu'une action est rachetable à une date spécifiée dans les documents de constitution:

1º la société doit racheter la part à cette date;

2º à partir de cette date, l'ancien actionnaire se classe comme un créancier chirographaire de la société à l'égard de la somme indiquée dans les documents constitutifs comme étant payable à un tel rachat.

Un rachat en vertu du présent article n'est pas une distribution, mais est réputé être une distribution à des fins de récupération d'une distribution à partir d'actionnaire.

Icyiciro cya 4: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe

Ingingo ya 183: Gukuraho imigabane yongeye kugurwa cyangwa yishubijwe

Umugabane wose w'isosiyete waguzwe cyangwa wishubijwe n'isosiyete ufatwa nk'utakiriho ako kanya nyuma yo kuwugura cyangwa kuwisubiza kandi uburenganzira n'inyungu byose byari biwushamikiyeho bihita bita agaciro.

Uretse ibiteganywa n'iyi ngingo, imigabane igurwa cyangwa ikisubizwa ku itariki isosiyete yagombaga kugira ububasha bwo gukoreshwa uburenganzira bwayo bushamikiye kuri iyo migabane.

Ingingo ya 184: Kumenyekanisha ikuraho ry'umugabane

Iyo umugabane ukuweho, abagize Inama y'Ubutegetsi baha Umwanditsi Mukuru inyandiko imenyesha ihindurwa ry'inyandiko zishinga isosiyete.

Icyiciro cya 5: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza

Ingingo ya 185: Gushyira mu bikorwa amasezerano yo kongera kugura imigabane cyangwa kuyisubiza

Isosiyete ntiryozwa igihombo gitewe no kunanirwa kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo, ariko

Section 4: Cancellation of shares re-purchased or redeemed

Article 183: Cancellation of shares re-purchased or redeemed

Any share of a company acquired or redeemed by a company is deemed to be cancelled immediately upon acquisition or redemption and all the rights and privileges attached to that share expire.

Shares are acquired or redeemed on the date upon which the company would, apart from this Article, become entitled to exercise the rights attached to the shares.

Article 184: Disclosure of cancellation

Where a share is cancelled, the directors deliver to the Registrar General a notice of alteration of incorporation documents.

Section 5: Enforceability of contract to re-purchase or redeem shares

Article 185: Enforceability of contract to re-purchase or redeem shares

A company is not liable in damages for any failure to acquire or redeem its shares, but a

Section 4: Annulation des actions rachetées

Article 183: Annulation des actions rachetées

Toute action d'une société acquise ou rachetée par une société est réputée être annulée immédiatement à l'acquisition ou au rachat et de tous les droits et privilèges attachés à cette action expire.

Les actions sont acquises ou rachetées à la date à laquelle la société aurait, en dehors du présent article, droit d'exercer les droits attachés aux actions.

Article 184: Divulgation de l'annulation

Lorsqu'une action est annulée, les administrateurs doivent remettre au Registraire Général un avis de modification des documents constitutifs.

Section 5: Exécution des contrats de racheter des actions

Article 185 : Exécution des contrats de racheter des actions

Une société n'est pas responsable des dommages-intérêts pour tout manquement à acquérir ou

amasezerano yakoze ateganya kugura cyangwa kwisubiza imigabane yayo ashyirwa mu bikorwa n'isosiyete uko bisabwa, keretse iyo:

1° isosiyete idashobora gushyira mu bikorwa ayo masezerano bitayiteje kunanirwa kwishyura imyenda yayo;

2° nk'ingaruka yo kugurisha, nta munyamigabane w'isosiyete uzongera kugira imigabane uretse imigabane ishobora kwisubizwa.

Mu kirego cyose cyerekeye amasezerano yavuzwe mu gika cya mbere, isosiyete niyo isabwa gutanga ikimenyetso ko ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ryabujijwe n'ibiteganywa n'ingingo ya 71 y'iri tegeko.

Kugeza igihe isosiyete irangirije gushyira mu bikorwa amasezerano nk'uko biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, urundi ruhande ku masezerano rugumana uburenganzira bwo gusaba ko rwishyurwa buri gihe cyose isosiyete ibonye ubushobozi cyangwa mbere y'uko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete rwishyurwa ku ntera iri inyuma y'ababerewemo umwenda n'isosiyete ariko mbere y'abandi banyamigabane.

contract with a company providing for the acquisition or redemption by the company of its shares is specifically enforceable against the company except to the extent that:

1° the company cannot perform the contract without thereby causing the company to fail to satisfy the solvency test; or

2° as a result of the acquisition there would no longer be any shareholder of the company holding shares other than redeemable shares.

In any action brought on a contract referred to in paragraph One, the company has the burden of proving that performance of that contract is prevented by Article 71 of this Law.

Until the company has fully performed a contract referred to in paragraph One of this Article, the other party retains the status of a claimant entitled to be paid as soon as the company is lawfully able to do so or, prior to the removal of the company from the register, to be ranked subordinate to the rights of creditors but in priority to the other shareholders.

racheter ses actions, mais un contrat avec une société prévoyant l'acquisition ou le rachat par la société de ses actions est spécifiquement exécutoire contre la société, sauf dans la mesure où:

1° la société ne peut pas exécuter le contrat sans causer la défaillance de la part de la société de satisfaire au critère de solvabilité; ou

2° à la suite de l'acquisition, il n'y aurait plus aucun actionnaire de la société détenant des actions autres que des actions rachetables.

Dans toute action portée sur un contrat visé à l'alinéa premier, la société a le fardeau de prouver que l'exécution de ce contrat est empêché par l'article 71 de la présente loi.

Jusqu'à ce que la société ait complètement exécuté le contrat visé à l'alinéa premier du présent article, l'autre partie conserve le statut de demandeur qui a le droit d'être payé dès que l'entreprise est légalement en mesure de le faire ou, avant la radiation de la société dans le registre, d'être classé subordonné aux droits des créanciers, mais en priorité aux autres actionnaires.

Icyiciro cya 6: Inkunga y'amafaranga itanzwe n'isosiyete mu kugurisha imigabane yayo

Article 186: Ububasha bwo gutanga inkunga y'amafaranga

Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga, inguzanyo , kwishingira, ingwate cyangwa n'ibindi bijyana na byo mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku muntu wese hagamijwe kugura imigabane yayo yatanzwe cyangwa igomba gutangwa, iyo gusa:

1° isosiyete:

a) itanze inkunga y'amagafanga mu bikorwa byayo no ku bigomba kubahirizwa bisanzwe ;

b) ibonye agaciro gakwiye ugereranyije n'inkunga yatanzwe;

2° haseguriwe ibyaba bibujijwe byose mu nyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, inkunga y'amafaranga itangwa hubahirijwe ibiteganywa n'ingingo ya 71 n'iya 187 z'iri tegeko;

3° igihe ari isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, abanyamigabane baremeye kutagengwa n'ibisabwa n'ingingo ya 188 n'iya 209 z'iri tegeko.

Section 6: Financial assistance by a company for the purchase of its own shares

Article 186: Power to give financial assistance

A company may give financial assistance by means of a loan, guarantee, the provision of security or otherwise to any person for the purpose of or in connection with the purchase of any share allotted or to be allotted by the company, whether directly or indirectly, only if:

1° the company:

a) gives the financial assistance in the ordinary course of business and on usual terms and conditions;

b) receives fair value in connection with the assistance;

2° Subject to any restriction in its incorporation statement, the financial assistance is given in accordance with articles 71 and 187 of this Law;

3° in the case of a private company, the shareholders have opted out of the requirements of Articles 188 and 209 of this Law.

Section 6: Assistance financière par une société pour l'achat de ses propres actions

Article 186: Pouvoir de fournir une assistance financière

Une société peut accorder une assistance financière au moyen d'un prêt, de garantie, de fourniture de la sécurité ou autrement à toute personne dans le but de ou en relation avec l'achat d'une action attribuée ou devant être attribuée par la société, que ce soit directement ou indirectement, seulement si:

1° la société:

a) donne l'assistance financière dans le cours normal des affaires et selon des termes et conditions habituelles;

b) reçoit la juste valeur en rapport avec l'assistance;

2° Sous réserve de toute restriction dans sa déclaration d'incorporation, l'assistance financière est accordée conformément aux articles 71 et 187 de la présente loi;

3° dans le cas d'une société privée, les actionnaires ont choisi de ne pas se soumettre aux exigences des articles 188 et 209 de la présente loi.

Ingingo ya 187: Inkunga y'amafaranga ifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane

Inkunga y'amafaranga itangwa nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 186 y'iri tegeko ntifatwa nk'itangwa ry'inyungu ku migabane.

Inkunga y'amafaranga itangwa mu bundi buryo ifatwa nk'itangwa ry'inyungu kumigabane ku birebana n'indi migabane yagurishijwe cyangwa igomba kugurishwa, uwahawe inkunga yaba afite imigabane mu isosiyete cyangwa atayifite igihe inkunga yatangwaga .

Ku mpamvu yo kugena impamvu y'amafaranga yatangwa:

1° "umutungo" ufatwa nk'utabarirwamo amafaranga y'inkunga yatanzwe mu buryo bw'inguzanyo;

2° "uburyozwe" harimo agaciro k'uburyozwe bwose bwaba buhari cyangwa budahari isosiyete yahuye nabwo kubera kuba yaratanze inkunga.

Ingingo ya 188: Ibisabwa kugira ngo hatangwe inkunga yo kugura imigabane

Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga ku muntu kugira ngo agure imigabane yatanzwe, mu gihe gusa abagize Inama y'Ubutegetsi bemeje ko:

1° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu

Article 187: Financial assistance considered as a distribution

The financial assistance given under Article 186 of this law is deemed not to be a distribution.

Financial assistance given otherwise is deemed to be a distribution in respect of the shares purchased, or to be purchased, whether or not the person to whom the assistance is given holds or acquires share in the company at the time the assistance is given.

For the purpose of determining whether financial assistance may be given:

1° "asset" is to be taken to exclude the amount of any financial assistance in the form of a loan;

2° "liability" includes the face value of any liability, whether contingent or otherwise, incurred in connection with the giving of the assistance.

Article 188: Requirements for financial assistance to promote shares

A company may give financial assistance to a person to purchase shares allotted only if the directors have previously resolved that:

1° the giving of the assistance in

Article 187: Assistance financière considérée comme une distribution

L'assistance financière accordée en vertu de l'article 186 de la présente loi est réputée ne ne pas être une distribution.

L'assistance financière donnée autrement est réputée une distribution à l'égard des actions acquises, ou à acheter, que la personne à qui l'assistance est offerte détient ou acquiert ou non l'action dans la société au moment où l'assistance est accordée.

Aux fins de déterminer si une assistance financière peut être donnée :

1° «actif» doit être pris pour exclure le montant de toute assistance financière sous la forme d'un prêt;

2° «responsabilité» inclut la valeur nominale de toute responsabilité éventuelle ou autrement, engagée en rapport avec l'octroi de l'assistance.

Article 188: Exigences relatives à l'assistance financière pour promouvoir les actions

Une société ne peut accorder une assistance financière à une personne d'acheter des actions attribuées que si les administrateurs ont déjà décidé que:

1° l'octroi de l'assistance en question est dans

z'isosiyete;

2° ibyubahirizwa mu itangwa ry'iyo nkunga bikwiye kuri sosiyete;

3° gutanga iyo nkunga biri mu nyungu za buri munyamigabane utayihawe;

4° ibyubahirizwa kugira ngo iyo nkunga itangwe bikwiye kuri buri munyamigabane utayihawe.

Uwo mwanzuro kandi ugomba kugaragaza impamvu abagize Inama y'Ubutegetsi bashingiyeho bawufata.

Abayobozi batoye umwanzuro wemera gutanga inkunga y'amafaranga bashyira umukono ku cyemezo cyerekeranye n'ibivugwa mu gika cya mbere kandi icyo cyemezo gishobora guhuzwa n'ikivugwa mu ngingo ya 71 y'iri tegeko.

Isosiyete ntigomba gutanga inkunga y'amafaranga iyo, nyuma yo gufata uwo mwanzuro na mbere yo gutanga iyo nkunga, abagize Inama y'Ubutegetsi basanze ko:

1° gutanga iyo nkunga bitakiri mu nyungu z'isosiyete;

question is in the best interests of the company;

2° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to the company;

3° giving the assistance in question is of benefit to any shareholders not receiving the assistance;

4° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to any shareholders not receiving the assistance.

Any such resolution sets out full reasons for the directors' conclusions.

The directors who vote in favour of a resolution to give financial assistance sign a certificate as to the matters set out in paragraph One and that certificate may be combined with the certificate required under Article 71 of this Law.

A company does not give the financial assistance if, after the passing of the resolution and before the giving of the financial assistance, the directors cease to be satisfied that:

1° the giving of the assistance in question is in the best interests of the company;

les meilleurs intérêts de la société;

2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à la société;

3° que donner l'assistance en question est bénéfique pour tous les actionnaires qui n'ont pas reçu l'assistance;

4° que les termes et conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables à tous les actionnaires qui n'ont pas reçu l'assistance.

Une telle résolution doit énoncer les motifs complets pour les conclusions des administrateurs.

Les administrateurs qui votent en faveur d'une résolution visant à apporter une assistance financière doit signer un certificat pour les questions énoncées à l'alinéa premier et ce certificat peuvent être combinés avec le certificat requis en vertu de l'article 71 de la présente loi.

Une société ne doit pas donner l'assistance financière si, après l'adoption de la résolution et avant la remise de l'assistance financière, les administrateurs cessent d'être convaincus que:

1° l'octroi de l'assistance en question est dans les meilleurs intérêts de la société;

2° ibyubahirizwa bayitanga bitagikwiye ku bw'inyugu z'isosiyete;

3° gutanga iyo nkunga bitakiri mu nyungu z'abanyamigabane batabonye iyo nkunga;

4° ibyubahirizwa ngo batange inkunga bitagikwiye ku birebana n'abanyamigabane batayihawe;

5° bakimara gutanga iyo nkunga, isosiyete igaragaza ko idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo.

Mbere y'uko inkunga y'amafaranga itangwa, isosiyete yohereza buri munyamigabane inyandiko imenyekanisha yubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 177 y'iri tegeko.

Inkunga ishobora gutangwa mu gihe kiri munsi y'iminsi icumi (10) kandi itari hejuru y'iminsi mirongo itatu (30) inyandiko imenyekanisha yohererejwe buri munyamigabane.

Iyo nyandiko yohererejwe abanyamigabane mu buryo bwo kumenyekanisha igaragaza:

1° ubwoko n'ibyubahirizwa kugira ngo inkunga itangwe n'uwo izahabwa;

2° inyandiko ikubiyemo umwanzuro werekeranye n'itangwa ry'inkunga y'amafaranga, iherekejwe n'andi makuru yose n'ibisobanuro bya ngombwa bifasha

2° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to the company;

3° giving the assistance in question is of benefit to those shareholders not receiving the assistance;

4° the terms and conditions under which the assistance is given are fair and reasonable to those shareholders not receiving the assistance;

5° immediately after giving the assistance, the company shall satisfy the solvency test.

Before financial assistance is given, the company sends each shareholder a disclosure document which complies with Article 177 of this Law.

The assistance may be given not less than 10 and not more than 30 working days after the disclosure document has been sent to each shareholder.

The document sent to all shareholders by way of disclosure sets out:

1°the nature and terms of the assistance to be given, and to whom it will be given; and

2°the text of the resolution relating to giving financial assistance, together with such further information and explanation as may be necessary to enable a reasonable

2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables pour la société;

3° donnant l'assistance en question est bénéfique pour les actionnaires qui ne l'ont pas reçu;

4° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance est donnée sont justes et raisonnables aux actionnaires qui n'ont pas reçu d'assistance ;

5° immédiatement après avoir donné l'assistance, l'entreprise doit satisfaire au critère de solvabilité.

Avant qu'une assistance financière soit accordée, la société doit envoyer à chaque actionnaire un document d'information qui est conforme à l'article 177 de la présente loi.

L'assistance peut être donnée dans un délai se situant entre dix (10) et trente (30) jours ouvrables après que le document d'information ait été envoyé à chaque actionnaire.

Le document envoyé à tous les actionnaires au moyen de la divulgation doit indiquer:

1º la nature et les termes de l'assistance à fournir, et à qui il sera donné; et

2º le texte de la résolution concernant la donation de l'assistance financière, ainsi que toute autre information et explication nécessaires pour permettre à un actionnaire

umunyamigabane kumva ubwoko n'ingaruka z'iyo nkunga y'amafaranga ku isosiyete no ku banyamigabane bayo.

Ingingo ya 189: Icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa

Umunyamigabane cyangwa isosiyete bashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gihagarika inkunga yifuzwa gutangwa bashingiye ko:

1° itari mu nyungu z'isosiyete cyangwa z'umunyamigabane wese utabonye iyo nkunga;

2° ingingo zashingiweho kugira ngo izatangwe zidakwiye ku isosiyete cyangwa kuri buri munyamigabane utayihawe.

Ingingo ya 190: Ingaruka zo kutubahiriza ibisabwa mu gutanga inkunga

Kutubahiriza ibiteganywa n'ingingo ya 188 y'iri tegeko ntibigira ingaruka ku gaciro k'igikorwa, ariko bigira ingaruka ziteganyijwe mu ngingo ya 215 y'iri tegeko.

Iyi ngingo ntacyo ihungabanya ku buryozwe bw'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa undi muntu wese ku kuba atubahirije inshingano nk'umuntu uhagarariwe cyangwa mu bundi buryo bwose.

shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders of the proposed financial assistance.

Article 189: Order restraining proposed financial assistance

A shareholder or the company may apply to the court for an order restraining the proposed financial assistance on the grounds that:

1° it is not in the best interests of the company or of benefit to any shareholders not receiving the assistance;

2° the terms and conditions under which the assistance is to be given are not fair and reasonable to the company or to any shareholders not receiving the assistance.

Article 190: Enforceability of prohibited transactions

A failure to comply with the provisions of Article 188 of this Law does not affect the validity of any transaction, but has the consequences set out in Article 215 of this Law.

This Article does not affect any liability of a director or any other person for breach of any duty, or as a constructive trustee, or otherwise.

raisonnable de comprendre la nature et les conséquences pour la société et ses actionnaires de l'assistance financière proposée.

Article 189: Ordonnance interdisant une assistance financière proposée

Un actionnaire ou la société peut demander à la juridiction de rendre une ordonnance interdisant l'assistance financière proposée sur les motifs suivants:

1° l'assistance financière n'est pas dans les meilleurs intérêts ni de la société ou ni d'actionnaires qui ne l'ont pas reçue; ou

2° les termes et les conditions dans lesquels l'assistance doit être donnée ne sont pas justes et raisonnables à la société ou à des actionnaires qui n'ont pas reçu l'assistance.

Article 190: Exécution des transactions interdites

Le défaut de se conformer aux dispositions de l'article 188 de la présente loi par la société ne porte pas atteinte à la validité de toute transaction, mais produit des conséquences prévues à l'article 215 de la présente loi.

Le présent article n'a aucune incidence sur la responsabilité d'un administrateur ou toute autre personne pour violation de tout devoir, ou à titre d'un mandataire ou autrement.

UMUTWE WA VII: KWEMEZA, GUHINDURA NO GUKURAHO INYANDIKO ZIGENGA SOSIYETE N'IMPINDUKA ZIKOMEYE

Ingingo ya 191: Ububasha bugenewe abanyamigabane bushyirwa mu bikorwa binyuze mu mwanzuro udasanzwe

Ububasha bugenewe abanyamigabane kandi bushobora gukoreshwa gusa hafashwe umwanzuro udasanzwe ni ubwo:

1° kwemeza, guhindura no gukuraho inyandiko zishinga isosiyete;

2° kwemeza igikorwa gifite ingaruka ku burenganzira bushamikiye ku mugabane uwo ariwo wose;

3° kwemeza umwanzuro udasanzwe;

4° kwemeza icyifuzo cyo guhindura sosiyete ihamgarira rubanda kugura imigabane mo sosiyete idahamagararira kugura imigabane;

5° kwemeza ukwibumbira hamwe kw'amasosiyete;

6° gusesa isosiyete;

7° gusabira isosiyete, iyo igishoboye kwishyura imyenda, kuvanwa mu gitabo cy'amasosiyete.

CHAPTER VII: ADOPTION, ALTERATION AND REVOCATION OF INCORPORATION DOCUMENTS AND FUNDAMENTAL CHANGES

Article 191: Powers reserved to shareholders exercisable by special resolution

The powers reserved to shareholders and which may only be exercised by special resolution are to:

1° adopt, alter or revoke the company's incorporation documents;

2° authorise an action which affects the rights attached to any shares;

3° authorise a major transaction;

4° authorise a proposal to change the status of the company to a public or a private company;

5° authorise an amalgamation;

6° put the company in liquidation;

7° apply for the company, when solvent, to be removed from the register of companies.

CHAPITRE VII: ADOPTION, MODIFICATION ET RETRAIT DES DOCUMENTS CONSTITUTIFS ET CHANGEMENTS FONDAMENTAUX

Article 191: Pouvoirs réservés aux actionnaires exerçables par une résolution spéciale

Les pouvoirs réservés aux actionnaires et qui ne peuvent être exercés que par la résolution spéciale sont :

1° d'adopter, modifier ou abroger les documents constitutifs de la société;

2° d'autoriser une action qui porte atteinte aux droits attachés aux actions;

3° d'autoriser une transaction importante;

4° d'autoriser une proposition visant à modifier le statut de la société qu'elle soit publique ou privée;

5° d'autoriser une fusion;

6° de mettre la société en liquidation;

7° de demander que la société encore solvable soit radiée du registre des sociétés.

Icyemezo gifashwe binyuze mu mwanzuro udasanzwe gishobora kuvanwaho binyuze gusa mu wundi mwanzuro udasanzwe.

Icyiciro cya mbere: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete

Ingingo ya 192: Ububasha bwo guhindura inyandiko zishinga isosiyete

Iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:

1° inyandiko yuzuye imenyesha iryo hinduka ry'inyandiko zigenga isosiyete mu buryo buteganyijwe;

2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditsemo nk'umuyobozi mushya cyangwa umwanditsi.

Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza:

1° umubare w'imigabane yagabanywe;

2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba binyuranyije n'ingingo ya 88 y'iri tegeko.

Any decision made by special resolution may be rescinded only by special resolution.

Section One: Alteration of incorporation documents

Article 192: Power to alter incorporation documents

When a company alters its incorporation documents, the directors must within 10 working days of the alteration deliver to the Registrar General:

1° a completed notice of alteration of incorporation documents in the prescribed form; and

2° completed consents in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.

In the case of an allotment of shares, the notice must specify:

1° the number of shares allotted; and

2° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 88 of this Law.

Toute décision prise par une résolution spéciale ne peut être annulée que par résolution spéciale.

Section One: Modification des documents constitutifs

Article 192: Pouvoir de modifier les documents constitutifs

Lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent dans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire Général:

1° un avis rempli de modification des documents constitutifs dans la forme prescrite; et

2° consentements remplis dans le formulaire prescrit signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau Directeur ou secrétaire.

Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser:

1° le nombre d'actions attribuées; et

2° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 88 de la présente loi.

Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.

Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga icyemezo gihinduye cy'isosiyete.

Igika cya mbere ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko zigenga sosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiyete.

Mu gihe abanyamigabane b'isosiyete badashoboye guhindura amategeko-shingiro ku buryo buteganywa nayo cyangwa n'iri tegeko, urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'abanyamigabane cyangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi, gufata icyemezo gihindura sitati mu buryo rubona bukwiye.

Usaba bene icyo cyamezo yoherereza Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kopi y'icyo cyemezo giherekejwe n'amategeko shingiro ahinduye.

<u>Ingingo ya 193</u>: Imenyesha ry'ihindurwa ry'inyandiko z'ishingwa ry' isosiyete

Haseguriwe ibiteganywa n'igika cya 4 cy'iyi ngingo, iyo isosiyete ihinduye inyandiko ziyishinga, abagize Inama y'Ubutegetsi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ikurikira iryo hinduka, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:

In the case of a cancellation of shares, the notice must specify for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.

In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General must issue an amended certificate of incorporation.

Paragraph 1 does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.

Where the shareholders of a company are unable to alter the articles of association in the manner provided by the articles or this law, a competent court may upon the application of the shareholders or directors make an order altering the articles of association on terms and conditions as it deems fit.

The applicant for such an order shall ensure that a copy of the order together with the altered articles are delivered to the Registrar General in fifteen (15) working days.

<u>Article 193:</u> Notice of alteration of incorporation documents

Subject to paragraph (4)of this article, when a company alters its incorporation documents, the directors shall within 10 working days of the alteration deliver to the Registrar General:

Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser pour les actions de chaque catégorie le nombre annulé et la date d'annulation.

Dans le cas d'une modification du nom de la société, le Registraire Général doit délivrer un certificat de constitution modifié.

L'alinéa premier ne vise pas à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.

Lorsque les actionnaires d'une société ne sont pas capables de modifier les statuts de la manière prévue par les articles ou cette loi, une juridiction compétente peut, sur la demande des actionnaires ou des administrateurs de rendre une ordonnance modifiant les statuts suivant les termes et conditions que la juridiction juge convenables.

Le demandeur d'une telle ordonnance doit veiller à ce qu'un exemplaire d'une telle ordonnance ainsi que les articles modifiés soient livrés au Registraire Général dans les quinze (15) jours ouvrables.

<u>Article 193:</u> Avis de modification des documents constitutifs

Sous réserve de l'alinéa 4 du présent article, lorsqu'une société modifie ses documents constitutifs, les administrateurs doivent dans dix (10) jours ouvrables suivant la modification, remettre au Registraire Général:

1° inyandiko yuzuye imenyesha iryo hinduka ry'inyandiko z'ishingwa isosiyete mu buryo buteganyijwe;

2° inyandiko ikubiyemo kwemera yanditswe mu buryo buteganyijwe kandi iriho umukono w'umuntu wese uyanditsemo nk'umuyobozi mushya cyangwa umwanditsi.

Mu gihe cy'igabana ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza:

1° umubare w'imigabane yagabanywe;

2° uburenganzira, ibibujijwe cyangwa ibigomba kubahirizwa bishingiye ku mugabane wagabanywe cyangwa icyiciro cyawo, n'uko ushobora guhererekanywa, niba binyuranyije n'ingingo ya 88 y'iri tegeko.

Mu gihe habayeho ihanagurwa ry'imigabane, inyandiko imenyesha igomba kugaragaza ku migabane ya buri bwoko, umubare wahanaguwe n'itariki iryo hanagurwa ryabereyeho.

Mu gihe habayeho guhindura izina ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gutanga Icyemezo gihinduye cy'isosiyete.

Igika cya mbere ntikireba igice icyo aricyo cyose cy'inyandiko zigenga sosiyete cyerekeranye n'imicungire y'imbere y'isosiyete.

1° a completed notice of alteration of incorporation documents in the prescribed form;

2° completed consents in the prescribed form signed by any person named in the notice as a new director or secretary.

In the case of an allotment of shares, the notice shall specify:

1° the number of shares allotted;

2° the rights, privileges, limitations and conditions attached to each allotted share or class, and its transferability, if different to Article 88 of this Law.

In the case of a cancellation of shares, the notice shall specify for shares of each class the number cancelled and the date of cancellation.

In the case of an alteration of the company's name, the Registrar General shall issue an amended certificate of incorporation.

Paragraph One does not apply to any part of a company's incorporation documents relating to the internal management of the company.

1° un avis rempli de modification des documents constitutifs dans la forme prescrite;

2° consentements remplis dans le formulaire prescrit signé par toute personne nommée dans l'avis comme un nouveau Directeur ou secrétaire.

Dans le cas d'une attribution d'actions, l'avis doit préciser:

1° le nombre d'actions attribuées;

2° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à chaque action ou catégories d'actions allouées, et sa transférabilité, si elle est différente de l'article 88 de la présente loi.

Dans le cas d'une annulation d'actions, l'avis doit préciser, pour les actions de chaque catégorie, le nombre annulé et la date d'annulation.

Dans le cas d'une modification du nom de la société, le Registraire Général doit délivrer un certificat de constitution modifié.

L'alinéa premier ne vise pas à une partie des documents constitutifs d'une société relative à la gestion interne de la société.

Mu gihe abanyamigabane b'isosiyete badashoboye guhindura sitati ku buryo buteganywa nayo cyangwa n'iri tegeko, urukiko rubifitiye ububasha rushobora, rubisabwe n'abanyamigabane cyangwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi, gufata icyemezo gihindura sitati mu buryo rubona bukwiye.

Usaba bene icyo cyemezo yohereza Umwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kopi y'icyo cyemezo giherekejwe na sitati ihinduye.

Icyiciro cya 2: Impinduka zikomeye

Ingingo ya 194: Kwemeza ibikorwa bigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku mugabane

Hatitaye ku cyo ari cyo cyose kiri mu nyandiko zishinga isosiyete, nta gikorwa kibangamira uburenganzira buturuka ku mugabane gishobora gufatwa n'isosiyete keretse iyo icyo gikorwa cyatangiwe uburenganzira mu cyemezo cyihariye kuri buri cyiciro.

Uburenganzira bushingiye ku mugabane bugizwe n'ibi bikurikira:

1° uburenganzira, ibibujijwe n'ibigomba kubahirizwa bishingiye ku migabane biteganywa n'iri tegeko cyangwa inyandiko z'ishingwa ry'isosiyete, harimo

Where the shareholders of a company are unable to alter the articles of association in the manner provided by the articles or this law, a competent court may upon the application of the shareholders or directors make an order altering the articles of association on terms and conditions as it deems fit.

The applicant for such an order shall ensure that a copy of the order together with the altered articles are delivered to the Registrar General in fifteen (15) working days.

Section 2: Fundamental changes

Article 194: Authorisation of actions affecting rights attached to shares

Notwithstanding anything in its incorporation documents, no action may be taken by a company which affects the rights attached to any shares unless that action has been authorised by a special resolution of each class.

The rights attached to a share include the following:

1° the rights, privileges, limitations and conditions attached to the share by this Law or the incorporation documents, including any voting rights and rights to

Lorsque les actionnaires d'une société ne sont pas capables de modifier les statuts de la manière prévue par les articles ou cette loi, une juridiction compétente peut, sur la demande des actionnaires ou des administrateurs de rendre une ordonnance modifiant les statuts suivant les termes et conditions que la juridiction juge convenables.

Le demandeur d'une telle ordonnance doit veiller à ce qu'un exemplaire d'une telle ordonnance ainsi que les articles modifiés soient transmis au Registraire Général dans les quinze (15) jours ouvrables.

Section 2: Changements fondamentaux

Article 194: Autorisation d'actions qui affectent les droits attachés aux actions

Nonobstant toute disposition de ses documents constitutifs, aucune action affectant les droits attachés à toute action ne peut être prise par une société, à moins que l'action ait été autorisée par une résolution spéciale de chaque catégorie.

Les droits attachés à l'action comprennent:

1° les droits, privilèges, restrictions et conditions attachés à l'action par la présente loi ou par les documents constitutifs, y compris les droits de vote et

n'uburenganzira bwose bwo gutora n'ubwo kugabagabana inyungu zishingiye ku migabane;

2° uburenganzira buza mbere y'ubundi hakurikijwe ingingo ya 61 y'iri tegeko;

3° uburenganzira bw'uburyo bw'ibigomba gukorwa kugira uburyo bw'ibigomba gukorwa buteganyijwe muri iyi ngingo n'ubundi buryo bwose busabwa mu nyandiko z'isosiyete ku birebana n'ihindurwa ry'uburenganzira byubahirijwe n'isosiyete;

4° uburenganzira ko uburyo busabwa mu nyandiko zishinga isosiyete ku byerekeranye n'ihindurwa ry'uburenganzira ko butagomba guhindurwa.

Ku bw'ibiteganywa n'igika cya mbere, kugabana indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere y'imigabane iriho, haba ku burenganzira bwo gutora cyangwa igabana ry'inyungu, bifatwa nk'igikorwa kigira ingaruka ku burenganzira bushingiye ku migabane iriho, uretse:

1° inyandiko zishinga isosiyete zemera ku buryo busesuye igabagabana ry'indi migabane iri ku rwego rumwe cyangwa iri imbere cy'iyo migabane;

2° iryo gabana rikozwe hubahirijwe uburenganzira bw'abanyamigabane buza mbere y'ubundi.

distributions attached to the share;

2° pre-emption rights in accordance with Article 61;

3° the right that the company shall observe the procedure set out in this Article, and any further procedure required by the incorporation statement for the amendment or alteration of rights; and

4° the right that any procedure required by the incorporation documents for the amendment or alteration of rights shall not be amended or altered.

For the purposes of paragraph One, the allotment of further shares ranking equally with or in priority to existing shares, whether as to voting rights or distributions, is deemed to be action affecting the rights attached to the existing shares, unless:

1° the incorporation documents of the company expressly permits the allotment of further shares ranking equally with or in priority to those shares;

2° the allotment is made in accordance with shareholders' pre-emption rights.

les droits aux distributions attachés à l'action;

2° les droits de préemption conformément à l'article 61;

3° le droit que la société doit respecter la procédure prévue dans le présent article, ainsi que toute autre procédure requise par la déclaration d'incorporation pour l'amendement ou la modification des droits; et

4° le droit que toute procédure requise par les documents constitutifs pour l'amendement ou la modification des droits ne doivent être modifiés ou altérés.

Aux fins de l'alinéa premier, l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité aux actions existantes, que ce soit aux droits de vote ou de distributions, est réputée être une action affectant les droits attachés aux actions existantes, à moins que:

1° les documents constitutifs de la société permettent expressément l'attribution de nouvelles actions de rang égal ou en priorité à ces actions;

2° l'attribution est faite en conformité avec les droits de préemption des actionnaires.

Ingingo ya 195: Kudasaba uruhushya rw'icyiciro cy'imigabane

Iyo igikorwa gifashwe n'isosiyete gisaba gutangirwa uruhushya rwo kwemezwa n'icyiciro maze uko kwemezwa ntibigerweho, icyo gikorwa ntigihita gita agaciro; ariko gifatwa nk'imyifatire itera igihombo abanyamigabane b'icyo cyiciro, urukiko rubisabwe n'ubifitemo inyungu gukuraho icyo cyemezo.

Ingingo ya 196: Kwemeza ibikorwa bihambaye

Ikimara kubona icyifuzo cy'igikorwa gihambaye, isosiyete igomba kumenyesha abanyamigabane icyo gikorwa. Igomba kandi kumenyesha umuntu ufitanye isano n'icyo gikorwa uvugwa mu ngigo ya 159 y'iri tegeko harimo inyungu yose yihariye ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umunyamigabane ufite imigabane myinshi yaba afite muri icyo gikorwa nk'umuyobozi w'urundi ruhande muri icyo gikorwa.

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ntigomba gutangira gukora igikorwa gihambaye, yaba igikoze mu rwego rw'imirimo yayo isanzwe cyangwa mu bundi buryo cyangwa yaba igikoze mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, uretse:

1° Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yabanje kubona igitekerezo umujyanama w'umunyamwuga mu by'imari wigenga ku

Article 195: Failure to seek class authorisation

If action is taken by a company which required the authorisation of a class, and that authorisation was not obtained, that action is not for that reason invalid; but is deemed to be a conduct which is unfairly prejudicial to the shareholders of that class, and a competent court may decide to nullify it.

Article 196: Authorizing major transactions

Immediately upon receiving a proposal for a major transaction, the company discloses that proposed transaction to its shareholders. Such disclosure shall include disclosure of any related party transactions provided under article 159 of this law including any personal interest which a director or controlling shareholder may have in the transaction. It shall also include any personal interest as a director of any other party to the transaction.

Subject to paragraph One of this Article, a company shall not undertake a major transaction whether or not such transaction is entered into in the ordinary course of business, and whether or not entered into directly or indirectly unless:

1° the board of directors of the company have obtained a prior opinion of an independent professional financial adviser on the terms of

Article 195: Défaut de demander l'autorisation de la catégorie

Si une qui exige l'autorisation d'une catégorie est prise par une société et que l'autorisation n'a pas été obtenue, cette action n'est pas pour autant invalide; mais il est considéré comme un comportement qui est injustement préjudiciable aux actionnaires de cette catégorie, et la juridiction compétente peut décider de l'annuler.

Article 196: Autorisation des transactions importantes

Immédiatement après réception d'une proposition de transaction importante, la société doit divulguer cette transaction proposée à ses actionnaires. Elle doit également divulguer la transaction visée à l'article 159 de la présente loi, y compris tout intérêt personnel qu'un administrateur ou actionnaire majoritaire peut avoir dans la transaction et tout intérêt personnel en tant qu'administrateur de l'autre partie à la transaction.

Sous réserve de l'alinéa premier du présent article, une société ne doit pas procéder à une transaction importante si une telle transaction est ou non conclue dans le cours normal des affaires, et si elle est ou non conclue directement ou indirectement, sauf si:

1° le conseil d'administration de la société a obtenu un avis préalable d'un conseiller financier professionnel indépendant sur les

byerekeye ingingo z'icyo gikorwa, akayikorera isesengura kandi akayiha ibisobanuro ku ngingo zose zigize icyo gikorwa kandi agaha abanyamigabane b'i sosiyete inama ku bwiza bw'igikorwa;

2° Inama y'Ubutegetsi yafashe umwanzuro wemeza icyo gikorwa igatanga umurongo ko igikorwa gishyikirizwa inama y'abanyamigabane, ishobora kuba iy'umwaka cyangwa inama idasanzwe. Imenyesha ry'inama rigaragaza ko impamvu y'inama ari ugusuzuma icyo gikorwa. Inshamake y'igikorwa, icyifuzwa n'Inama y'Ubutegetsi kuri icyo gikorwa na kopi y'inyandiko ikubiyemo inama z'umujyanama bigomba guhabwa abanyamigabane bose bafite uburenganzira bwo kwitabira inama;

3° igikorwa cyemezwa kandi kigafatwa hamaze kwakirwa itora ry'umwanzuro wihariye utowe n'abafite imigabane bose bemerewe gutorera icyo gikorwa mu nama.

<u>Ingingo ya 197</u>: Umutungo n'igikorwa gihambaye

Muri iyi ngingo igikorwa gihambaye gifitanye isano n'isosiyete bivuga:

1° kugura cyangwa amasezerano yo kugura, byaba bihari cyangwa bidahari,

the transaction, in which the adviser provides an analysis and an explanation of all the terms of the transaction and provides an opinion as to the fairness of the transaction to the shareholders of the company;

The company shall indemnify the holders of the shares to be purchased in respect of any failure by the intended purchaser to purchase the shares at the price nominated or fixed by the arbitrator, as the case may be.

<u>Article 229</u>: Obligation to make a tender offer by the potential acquirer of 50% of a company

In this Article the term "affiliated persons" of a person means and includes:

1° other companies in which the who person owns or controls more than fifty percent (50%) of the voting power or otherwise exercises a controlling influence over, or

2° family members of the person is an individual;

3° persons who act in concert with the person to acquire shares or exercise influence over a company under an arrangement or understanding with each other and the person.

In this Article the term "control block" means fifty percent (50%) or more of any class of shares of a public company.

3° tout excédent payé aux actionnaires peut faire l'objet d'un recouvrement par la tierce partie et non par la société.

La société indemnise les détenteurs des actions visées par l'achat en rapport avec le défaut d'acheter par le potentiel acheteur des actions visées au prix proposé ou fixé par l'arbitre, selon le cas.

<u>Article 229</u>: Obligation d'offre d'achat par le potentiel acquéreur de 50% des actions d'une société

Aux fins du présent article le terme "personnes affiliées" à une personne désigne et comprend:

1° les autres sociétés dans lesquelles ladite personne possède ou contrôle plus de cinquante pour cent (50%) des droits de vote ou autrement y exerce une influence dominante; ou

2° les membres de la famille dans le cas ladite personne est une personne physique;

3° les personnes agissant de concert avec ladite personne dans le but d'acquérir des actions ou d'exercer une influence sur une société en vertu d'un arrangement ou d'un accord entre eux.

Aux fins du présent article, le terme "bloc de contrôle d'actions" désigne cinquante pour cent (50%) ou plus d'actions d'une catégorie d'actions

kuyiguramo imigabane.

Umuntu wese uguze ku nshuro imwe cyangwa ugura mu bihe bitandukanye imigabane yaba ayiguze ari umwe cyangwa iguzwe n'abantu bafitanye isano, ingana na 50 % cyangwa irenga by'uburenganzira bw'amajwi y'isosiyete ihamagarira rubanda kuguramo imigabane agomba gutanga isoko ku banyamigabane mu byiciro by'imari shingiro by'isosiyete ibemerera gutora muri icyo cyiciro, kandi uwo muntu n'abandi bafitanye isano bagomba kuba bari muri icyo cyiciro. Byongeye kandi abantu bafitanye isano babyumvikanyeho bashobora kugira inshingano yo gutanga iryo soko.

Umuntu ufite umugambi ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano wo kugura imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi agomba bitarenze iminsi mirongo itatu (30) mbere y'itariki yo kugura, kohereza isosiyete inyandiko ayimenyesha umugambi wo kugura imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi.

Umuntu ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano waguze imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi mu isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane agomba, mu minsi mirongo itandatu (60) uhereye igihe yaguriye iyo migabane, gushyira ku isoko imigabane y'isosiyete kugira ngo ba nyir'imigabane bagurishe imigabane yabo nibura ku giciro kitari hasi n'icyari cyitezwe aricyo yaguriyeho iyo

Any person who acquires whether by a series of transactions over a period of time or not, shares which taken together with shares held or acquired by affiliated persons amount to fifty percent (50%) or more of the total voting rights of a public company, shall extend offers immediately on the basis set out in this Article to the holders of any class of share capital of the company which carries votes and in which such person, or persons acting in concert with him/her, hold shares. In addition, the affiliated persons acting in concert with him may have the obligation to extend an offer.

A person who intends, alone or together with his affiliated persons to acquire, taking into account the number of shares belonging to him and his affiliated persons, a control block of shares of a public company shall, no later than thirty (30) days prior to the date of acquiring the control block, send written notice to the company stating his intent to acquire a control block of shares.

A person who alone or together with his/her affiliated persons has acquired a control block of shares of a public company shall, within sixty (60) days from the date of acquisition of such shares, make an offer to all of the company's holders of such shares to acquire the shares belonging to them at a price not less than the weighted average price at which he acquired the company's such shares during the last six (6) months preceding the

d'une société publique.

Toute personne faisant l'acquisition, soit par une succession d'opérations sur une période de temps ou pas, d'actions constituant ensemble avec d'autres actions détenues ou acquises par des personnes affiliées équivaut à cinquante pour cent (50%) ou plus du total des droits de vote d'une société publique, étend immédiatement le délai des offres aux actionnaires d'une catégorie du capital social de la société détenant des droits de vote et dans laquelle cette personne ou des personnes agissant avec ladite personne, détiennent des actions. En outre, les personnes affiliées agissant de concert peuvent avoir l'obligation d'étendre le délai de l'offre.

Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant l'intention d'acquérir, eu égard au nombre d'actions détenues par ladite personne et ses personnes affiliées, un bloc de contrôle d'actions, notifie par écrit, au plus tard trente (30) jour avant la date d'acquisition dudit bloc, à la société son intention d'acquérir ledit bloc de contrôle.

Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant acquis un bloc de contrôle d'actions, fait une offre, dans un délai de soixante (60) jours suivant l'acquisition desdites actions, à tous les détenteurs des actions de la même catégorie pour l'acquisition des actions leur appartenant à un prix pas moins inférieur que le prix moyen pondéré auquel ladite personne a acquis des actions de la société au cours des six (6)

migabane mu mezi atandatu (6)abanziriza iryo gura.

Inyandiko imenyesha iryo shyira kw'isoko yohererezwa abanyamigabane. Inyandiko imenyesha igomba kuba ikubiyemo amakuru agaragaza uweguriwe imigabane ifite ubwiganze burunduye bw'amajwi n'abo bafitanye isano, harimo amazina yabo, aho batuye na aderese y'ubucuruzi bwabo, umubare w'imigabane bafite, igiciro cyashyizweho ku migabane igurishwa, igiciro cyishyuwe bagura iyo migabane, igihe abagurisha bemereyemo abagura kugura imigabane.

Umunyamigabane ashobora kwemera ubwo busabe bw'igurisha akagura imigabane mu gihe cyatanzwe, kidashobora kujya munsi y'iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe isoko ryatangiwe.

Kugura imigabane iha uwayiguze ubwiganze burunduye bw'amajwi no kohereza abanyamigabane isoko bikorwa mu minsi ijana na makumyabiri (120) uhereye igihe inyandiko imenyesha ubwo bugure bw'imigabane y'isosiyete bwamenyesherejweho.

Umuntu ku giti cye cyangwa ari kumwe n'abandi bafitanye isano waguze imigabane imuha ubwiganze burunduye bw'amajwi utubahirije ibisabwa n'iyi ngingo ntabwo bagira uburenganzira bw'amajwi mu migabane y'isosiyete y'icyo cyiciro.

date of acquisition of a control block of shares.

Written notice of the offer shall be sent to all holders of such shares. The notice shall contain information identifying and describing the person who has acquired the control block and his/her affiliated persons, including their names, residence and business addresses, the number of shares belonging to them, the price offered for the shares, the price paid by them for the shares which they hold, and the period during which the offeree members accept the offer to acquire shares.

A shareholder may accept the offer to acquire shares within the period specified in the offer, which may not be less than thirty (30) days from the date of sending the offer.

Acquisition of a control block and sending to shareholders the offer shall be completed within one hundred twenty (120) days from the date of sending the notice to the company on acquisition of a control block of a company's shares.

A person who alone or together with his/her affiliated persons has acquired a control block of shares without complying with the requirements of this Article shall, together with his/her affiliated persons, not have the right to vote any of the company's shares of such class.

derniers mois précédant l'acquisition dudit bloc de contrôle.

La notification écrite est signifié aux détenteurs des actions de la même catégorie. Ladite notification contient les informations relatives à l'identification et la description de la personne ayant acquis le bloc de contrôle et celles de ses personnes affiliées, y compris leurs noms, domiciles et adresses commerciales, leurs nombres d'actions respectives, le prix offert pour les actions visées, le prix payé par les acheteurs des actions visées, et la période au cours de laquelle les membres visés acceptent l'offre d'acquisition.

Un actionnaire peut accepter l'offre d'acquisition des actions au cours de la période spécifiée dans ladite offre, laquelle période ne peut être inférieure à trente (30) jours à compter de la date de l'envoi de l'offre.

L'acquisition d'un bloc de contrôle d'actions et l'envoi de l'offre aux actionnaires s'effectuent dans un délai de cent vingt (120) jours à compter de la date d'envoi de la notification à la société relative à l'acquisition du bloc de contrôle d'actions de la société.

Une personne, seule ou ensemble avec ses personnes affiliées, ayant acquis le bloc de contrôle d'actions d'une société sans se conformer aux exigences du présent article, ladite personne et ses personnes affiliées n'ont pas le droit de vote sur toutes les actions de la catégorie concernée de la société.

Ingingo ya 230 : Gusonerwa igururwa

Iyo nyir'imigabane asabye gukoresha uburenganzira bwe buteganywa mu ngingo ya 225 y'iri tegeko, isosiyete ishobora gusaba urukiko gutegeka ko isonerwa ibisabwa kugirango hagurwe imigabane ye ku mpamvu z'uko :

1° igurisha ribangamiye isosiyete ku buryo bukomeye;

2° isosiyete ntishobora ku buryo bwumvikana gutera inkunga kongera kugurisha;

3° inyandiko imenyesha abanyamigabane ntiyatanzwe mu buryo bwiza cyangwa byarakozwe mu buryo butaribwo cyangwa bugamije guhutaza.

Mu gihe hakurikizwa iyi ngingo, urukiko rushobora gutegeka ko isosiyete itagura imigabane, kandi rushobora no kongera gutegeka uko rubona bikwiye, harimo, gutegeka ko :

1° umwanzuro uwo ariwo wose w'abanyamigabane ushyirwa ku ruhande;

2° sosiyete igomba kwirinda kugira ibyemezo ifata;

3° indishyi zishyurwa na sosiyete ku banyamigabane;

Article 230: Exemption from buyout

Where a shareholder seeks to exercise his/her rights under Article 225 of this Law, a company may apply to the court for an order that it should be exempted from the requirement to purchase his or her shares on the grounds that:

1° the purchase would be disproportionately damaging to the company;

2° the company cannot reasonably be required to fund the repurchase;

3° the shareholder's notice was not given in good faith or was frivolous or vexatious.

Upon an application under this Article, the court may order that the company should not purchase the shares, and may make such further order as it thinks fit, including, an order that:

1° any resolution of the shareholders be set aside;

2° the company should refrain from taking or should take certain action;

3° compensation be paid by the company to the shareholder affected;

Article 230: Exemption de rachat

Dans le cas d'un actionnaire cherchant à exercer ses droits en vertu de l'article 225 de la présente loi, une société peut demander à une juridiction de rendre une ordonnance exemptant ladite société du rachat des actions dudit actionnaire aux motifs que:

1° le rachat porterait un préjudice disproportionné à la société;

2° la société ne peut être raisonnablement obligée de financer le rachat;

3° l'actionnaire notifia le rachat des actions sans respect des principes de bonne foi ou de façon frivole ou vexatoire.

Sur base d'une demande en vertu du présent article, la juridiction peut rendre une ordonnance de non rachat des actions par la société, et peut rendre des ordonnances additionnelles qu'il juge convenable, y compris, une ordonnance qui:

1° annule une résolution des actionnaires;

2° empêche ou oblige la société de prendre certaines mesures;

3° oblige le paiement d'une indemnité par la société à l'actionnaire victime d'un préjudice;

4° sosiyete ishyirwa mu gihombo.

Nta sosiyete ishobora gusaba isonerwa ku igururwa ku mpamvu zavuzwe mu gace ka 1º cyangwa aka 2º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo, keretse iyo ishobora kugaragariza ariko ko yakoze ibishoboka byose igategura igurisha ry'imigabane ku wundi muntu.

<u>Ingingo ya 231</u>: Nta gururwa ribaho ku isosiyete itagishoboye kwishyura imye nda

Mu gihe umunyamigabane asaba ko habaho uburenganzira ku igururwa ariko abayobozi bakabona ko isosiyete yakoze ibishoboka byose kugira ngo hagurishwe imigabane ku bandi bantu kandi isosiyete ikagura iyo migabane itaguzwe n'undi muntu, iyo basuzumye bagasanga isosiyete iguze iyo migabane itagifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda, basaba urukiko ko rutegeka ibiteganywa n'iyi ngingo.

Iyo urukiko rubona ko hari impamvu zifatika ku bijyanye n'uko abayobozi babona ari ngombwa, utegeka ko isosiyete itagura imigabane, kandi urukiko rukanategeka nk'uko rubona bukwiye harimo no gutegeka ibikubiye mu ngingo ya 226 y'iri tegeko.

4° the company be put into liquidation.

No company may seek an exemption from buyout on the grounds set out in items 1º or 2º of paragraph One of this Article unless it can satisfy the court that it has made reasonable endeavours to arrange a sale of the shares to a third party.

<u>Article 231:</u> No buyout if insolvent

In case a shareholder seeks to exercise buy-out rights and the directors consider that the company has made reasonable endeavours to arrange the purchase of shares by a third party and if the company purchases those shares which are not to be purchased by a third party, it will not satisfy the solvency test, the directors apply to the court for an order under this Article.

If the court is satisfied that there are reasonable grounds for the directors' opinion, , the court orders that the company do not purchase the shares, and the court may make such further order as it deems fit, including any order that might be made under Article 226 of this Law.

4° autorise la liquidation de la société.

Aucune exemption de rachat ne peut être accordée à une société aux motifs indiqués au point 1º ou point 2º de l'alinéa premier du présent article sauf en cas de preuves suffisantes établies par la société dans ses tentatives raisonnables d'organiser le rachat des actions par une tierce partie.

<u>Article 231</u>: Impossibilité de rachat en cas d'insolvabilité

Dans le cas d'un actionnaire cherchant à exercer ses droits de rachat et après constatation par les administrateurs des tentatives raisonnables de la société pour organiser le rachat des actions visées par une tierce personne et en cas du rachat desdites actions par la société, et non par une tierce partie, ladite société ne satisfait pas le test de solvabilité, les administrateurs peuvent demander à une juridiction de rendre une ordonnance en vertu du présent article.

Si la juridiction accepte l'existence des motifs raisonnables soutenant l'opinion des administrateurs, la juridiction ordonne interdit le rachat des actions par la société, et prend toute autre décision qu'elle juge convenable, y compris toute ordonnance pouvant être rendue en vertu de l'article 226 de la présente loi.

UMUTWE WA X: ISOSIYETE Y'INYAMAHANGA N'ISOSIYETE IDAKORA

Agace ka mbere: Amasosiyete yo mu mahanga

Ingingo ya 232: Iyandikisha ry'isosiyete y'inyamahanga

Isosiyete y'inyamahanga ishyiraho ibiro bikora ibijyanye n'ihererekanya cyangwa n'iyandikwa ry'imigabane mu Rwanda igomba gusaba kwandikwa mu minsi icumi (10) y'akazi imaze gushyiraho ibiro bikora.

Iyo isosiyete y'inyamahanga itubahirije ibisabwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo sosiyete n'umuyobozi wa buri sosiyete y'inyamahanga baba bakoze icyaha nk'uko biteganywa mu ngingo ya 284 y'iri tegeko.

Iyo umuyobozi akurikiranyweho icyaha giteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, biremewe kwireguzako yagerageje ibishoboka byose kugira ngo ibisabwa n'iyi ngingo byose byubahirizwe.

Ingingo ya 233: Gusaba kwandikwa

Gusaba kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga bikorwa byanditswe ku nyandiko iri mu buryo buteganyijwe, rugasinywa n'uhagarariye sosiyete y'inyamahanga igatangwa k'Umwanditsi Mukuru.

CHAPTER X: FOREIGN COMPANY AND DORMANT COMPANY

Section one: Foreign companies

Article 232: Foreign company to register

A foreign company that establishes a place of business, including a share transfer or share registration office within Rwanda shall apply for registration within ten (10) working days of establishing a place of business.

If a foreign company fails to comply with provisions of paragraph One, the foreign company and every director of the foreign company commits an offence as provided under Article 284 of this Law.

Where a director is charged with an offence in accordance with paragraph 2 of this Article, it is a defence to show that he/she took all reasonable steps to ensure that requirements of this Article would be complied with.

Article 233: Application for registration

To apply for the registration of a foreign company, a duly completed application for registration in the prescribed form, signed by or on behalf of the foreign company shall be delivered to the Registrar General.

CHAPITRE X: SOCIÉTÉ ÉTRANGÈRE ET SOCIÉTÉ EN VEILLEUSE

Section première: Sociétés étrangères

Article 232 : Société étrangère devant être enregistrée

Une société étrangère qui établit son lieu d'activités notamment un transfert ou bureau d'enregistrement d'actions au Rwanda, doit demander d'être enregistrée dans les dix (10) jours ouvrables de l'établissement de son lieu d'activités.

En cas de violation des dispositions de l'alinéa premier du présent article, la société étrangère, ladite société et chacun de ses administrateurs commet une infraction en vertu de l'article 284 de la présente loi.

En cas de poursuite d'une infraction contre un administrateur conformément à l'alinéa 2 du présent article, un moyen de défense est de démontrer que toutes les démarches raisonnables ont été entreprises pour se conformer aux exigences du présent article.

Article 233: Demande d'enregistrement

La demande d'enregistrement d'une société étrangère est dûment remplie dans la forme prévue, signée par ou au nom de ladite société et transmise au Registraire Général.

Ubusabe bugomba kuba:

1° bugaragaza izina ry'isosiyete y'inyamahanga;

2° kugaragaza amazina yose, aderesi n'iyaho abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga batuye;

3° kugaragaza icyicaro gikuru cy'ibikorwa by'ubucuruzi na aderesi y'isosiyete;

4° kugaragaza itariki fatizo y'ibaruramari y'isosiyete y'inyamahanga, kandi

Ubusabe bwomekwaho:

1° kopi y'icyemezo kigaragaza iyandikisha ry'isosiyete y'inyamahanga;

2° haseguriwe ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, kopi iriho umukono wa noteri yerekana ibigize isosiyete y'inyamahanga, kandi icyo cyemezo cyaba cyitanditse mu rurimi rw'icyongereza, icyemezo cy'ururimi yahinduwemo kiriho umukono wa noteri;

3° inyandiko y'ubwumvikane cyangwa itanga bubasha kugira ngo isosiyete ihagararirwe mu Rwanda;

4° itangazo rigaragaza abemerewe guhagararira isosiyete.

The application shall:

1° state the name of the foreign company;

2° state the full names, residential addresses of the directors of the foreign company at the date of the application;

3° state the principal place of business and postal address of the foreign company;

4° state the foreign company's accounting reference date; and

The application shall have attached:

1° a certified copy of evidence of incorporation of the foreign company;

2° subject to paragraph 3 of this Article, a certified copy of the instrument constituting or defining the constitution of the foreign company, if the instrument is not written in the English language, a certified translation of it; and

3° a memorandum of or power of attorney to represent the company in Rwanda;

4° a declaration made by the authorized agents of the company.

La demande contient:

1° le nom de la société étrangère;

2° les noms complets, et des domiciles des administrateurs de la société étrangère à la date de la demande d'enregistrement;

3° l'adresse de l'emplacement principal du lieu d'affaires et l'adresse postale de la société étrangère;

4° la date de référence de comptabilité;

À la demande, doit être annexés:

1° une copie certifiée prouvant l'acte constitutif de la société étrangère;

2° sous réserve de l'alinéa 3 du présent article, une copie certifiée de l'instrument établissant ou définissant la constitution de la société étrangère, et une traduction certifiée dudit instrument au cas où ce dernier n'est pas rédigé en langue anglaise;

3° une procuration pour représenter la société étrangère au Rwanda; et

4° une déclaration faite par les agents autorisés de la société étrangère.

Icyemezo kigize cyangwa kigaragaza ibigize sosiyete y'inyamahanga ntabwo kigomba gutangwa ku Mwanditsi Mukuru iyo kirebana gusa n'imikorere n'imicungire ya sosiyete, kandi iyo igice cyimwe cy'icyo cyemezo kirebana nibyo ntabwo gishobora gutangwa.

The instrument constituting or defining the constitution of the foreign company need not be delivered to the Registrar General if it deals with solely the internal management of the company, and if a part of the instrument so deals, that part need not be delivered.

L'instrument établissant ou définissant la constitution de la société étrangère ne doit pas être transmise au Registraire Général s'il porte exclusivement sur la gestion interne de la société, et si une partie dudit instrument porte sur la gestion interne, ladite partie ne doit pas être transmise.

Ingingo ya 234: Kwandikwa kw'isosiyete y'inyamahanga

Ikimara kwandikwa, Umwanditsi Mukuru aha isosiyete y'inyamahanga umubare wihariye Uranga isosiyete y'inyamahanga uteye ku buryo mu bihugu by'umuryango wa Afurika y'Iburasurazuba cyangwa ibindi bihugu bifitanye amasezerano ufite umubare umwe cyangwa myinshi ikurikirana cyangwa inyuguti nk'uko Umwanditsi Mukuru ashobora kubigena mu bihe bisimburana.

Amasosiyete y'ubucuruzi akomoka mu bihugu by'umuryango wa Afurika y'Iburasurazuba cyangwa ibindi bihugu bifitanye amasezerano arebana nabyo afatwa nkayo mu gihugu.

Article 234: Registration of foreign company

Upon registration, the Registrar General allocates to the foreign company a number known as the foreign company's registered number which shall be in such form, consisting of one or more sequences of figures or letters as the Registrar General may from time to time determine.

Companies from East African Community member States and other companies from countries with relevant agreements with Rwanda shall enjoy national treatment.

Article 234: Enregistrement d'une société étrangère

Lors de l'enregistrement, le Registraire Général attribue à la société étrangère un numéro d'immatriculation étant dans la forme, comprenant une ou plusieurs séries de chiffres et de lettres que le Registraire Général peut, de temps à autre, déterminer.

Les sociétés issues des pays membres de la communauté de l'Afrique de l'Est ayant des accords commerciaux avec le Rwanda bénéficient du principe du traitement national.

Ingingo ya 235: Kugaragaza izina rya sosiyete y'inyamahanga

Isosiyete y'inyamahanga igomba kugaragaza izina ryayo ryuzuye mu nyuguti zisomeka z'ikiromani, ahantu hagaragara hanze ya buri biro cyangwa ahantu hose ikorera ibikorwa by'ubucuruzi.

Isosiyete y'inyamahanga igomba kugira ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo byanditse neza mu

Article 235: Disclosure of foreign company's name

A foreign company must have its full name stated clearly in easily legible roman letters in a conspicuous position outside every office or place in which its business is carried on.

A foreign company must have the particulars listed in paragraph 3 of this Article clearly stated

Article 235: Révélation du nom de la société étrangère

La société étrangère doit avoir ses indications clairement mentionné en lettres romaines facilement lisibles à un endroit bien en évidence à l'extérieur de chaque bureau ou lieu dans lequel la société conduit ses activités commerciales.

La société étrangère doit contenir les indications énumérées dans l'alinéa 3 du présent article en

nyuguti zisomeka neza ku**:**

1° itumanaho ryose ryanditse yoherezwa mu izina ry'isosiyete keretse ku itumanaho ry'imbere mu isosiyete;

2° inyandiko zose z'ubucuruzi n'izikwirakwizwa zitanzwe n'i sosiyete cyangwa mu izina ryayo;

3° inyandiko zose zatanzwe cyangwa zasinywe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo zigaragaza cyangwa zitanga inshingano zo mu rwego rw'amategeko ku isosiyete.

Ibisabwa byihariye ku bijyanye n'igika cya 2 ni:

1° amazina y'isosiyete yuzuye;

2° umubare wandistwe w'isosiyete;

3° igihugu isosiyete yiyandikishejemo;

4° niba uburyozwe bw'abanyamuryango bayo buhinnye.

Iyo isosiyete inyuranyije n'ibisabwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo isosiyete cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi wayo uwo ari we wese baba bakoze icyaha hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 284 y'iri tegeko.

Iyo muyobozi w'isosiyete cyangwa undi muntu mu

in easily legible letters on:

1° all written communications sent by or on behalf of the company, except for internal company communications;

2° all trade catalogues and trade circulars issued by or on behalf of the company;

3° all documents issued or signed by or on behalf of the company that evidence or create a legal obligation of the company.

The particulars for the purposes of paragraph 2 of this Article are:

1° the company's full name;

2° the company's registered number;

3° the country in which it was incorporated;

4° if the liability of its members is limited, notice of that fact.

If a company fails to comply with provisions of paragraph one or 2 of this Article, the company and every director of that company commit an offence set out under Article 284 of this Law.

If a director of a company or a person on its

lettres facilement lisibles pour:

1° toutes les communications écrites envoyées par ou au nom de la société étrangère, à l'exception des communications internes de ladite société;

2° tous les catalogues commerciaux et circulaires commerciales émis par ou au nom de la société étrangère;

3° tous les documents émis ou signés par ou au nom de la société étrangère prouvant ou créant une obligation légale pour ladite société.

Les indications, pour l'application de l'alinéa 2 du présent article, sont:

1° le nom complet de la société;

2° le numéro d'immatriculation de la société;

3° le pays dans lequel la société est constituée;

4° la notification en cas de limitation de responsabilité de ses membres.

Si une société ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article, cette société et chaque administrateur commettent une infraction en vertu de l'article 284 de la présente loi.

Si un administrateur d'une société ou une personne

izina ryayo asinye cyangwa agatanga amakuru cyangwa inyandiko bidakurikije ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ashobora ubwo kuryozwa inshingano yo mu rwego rw'amategeko iyo ariyo yose yagaragajwe cyangwa yatumye ibaho keretse:

1° iyo nshingano iyo yujujwe n'isosiyete;

2° umuntu watanze cyangwa wasinye inyandiko agaragaje ko umuntu iyo nshingano yari ifitiye akamaro yari abizi igihe iyo nyandiko yatangwaga cyangwa yasinywagwa inshingano yarubahirijwe n'isosiyete;

3° urukiko rubifitiye ububasha rubona ko byaba bitari mu kuri kandi ibangamiye umuntu watanze cyangwa washyize umukono ku nyandiko kuba yabiryozwa.

Iyo umuyobozi akurikiranyweho icyaha giteganywa muri iyi ngingo, biremewe kwireguza ko agaragaza ko:

1° atari azi kandi atanashoboraga kumenya ko hari ibyo atubahirije;

2° yagerageje ibishoboka byose kugira ngo ibisabwa n'iyi ngingo byose byubahirizwe.

behalf signs or authorises to be signed or issued a communication or document that does not comply with paragraph 2 of this Article, he/ she is personally liable for any legal obligation evidenced in or created by it, unless:

1° the obligation is duly satisfied by the company;

2° the person who issued or signed the document proves that the person in whose favour the obligation was incurred was aware at the time the document was issued or signed that the obligation was incurred by the company;

3° competent court is satisfied that it would not be just and equitable for the person who issued or signed the document to be so liable.

Where a director is charged with an offence under this Article, it is a defence to show that:

1° he/ she did not know of and could not be reasonably expected to know of the failure to comply; or

2° he/ she took all reasonable steps in all the circumstances to ensure that the requirements of this Article would be complied with.

au nom de ladite société signe ou autorise la signature ou l'émission d'une communication ou d'un document ne se conformant pas à l'alinéa 2 du présent article, ledit administrateur ou ladite personne est personnellement responsable pour toute obligation légale prouvée ou créée par la société, à moins que:

1° l'obligation soit dûment remplie par la société;

2° la personne ayant émis ou signé le document apporte la preuve d'une personne, en faveur de laquelle l'obligation est créée, était informé, au moment de l'émission ou de la signature dudit document, de la création de l'obligation assumée par la société;

3° la juridiction compétente estime injuste et inéquitable l'imputation de toute responsabilité contre la personne émettrice ou signataire du document.

En cas d'accusation d'une infraction en vertu du présent article, un moyen de défense est de démontrer:

1° l'ignorance et l'impossibilité de prise de connaissance par la personne eu égard au défaut de conformité aux exigences; ou

2° les démarches raisonnables entreprises par la personne pour se conformer aux exigences du présent article.

Ingingo ya 236: Kohereza inyandiko isosiyete y'inyamahanga

Ihererekanya makuru iryo ariryo ryose cyangwa inyandiko imenyesha bishobora gushyikirizwa isosiyete y'inyamahanga mu buryo bukurikira:

1° kuyishyikiriza umuntu wavuzwe mu gitabo cy'iyandikisha ko ariwe wemewe mu Rwanda guhabwa inyandiko mu izina ry'isosiyete y'inyamahanga;

2° iyo kuyishyikiriza hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 1º k'iyi ngingo bidashoboboka, ishobora gushyikirizwa aho isosiyete y'inyamahanga ikorera ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa ikoherezwa kuri aderesi y'isosiyete y'inyamahanga;cyangwa

3° ubundi buryo bwemejwe n'urukiko.

Article 236: Service of documents to a foreign company

Any communication or notice may be served to a foreign company by:

1° delivery to the person named in the register as being authorised to accept service in Rwanda of documents on behalf of the foreign company;

2° if delivery in accordance with item 1º of this article is not practicable, by leaving it at any place of business of the foreign company in Rwanda or sending it to the address of the foreign company;

3° a procedure approved by the court.

Article 236: Notification à une société étrangère

Toute communication ou notification peut être signifiée à une société étrangère par:

1° livraison à la personne désignée dans le registre et autorisée à recevoir toute communication ou notification au Rwanda au nom de la société;

2° en cas d'impossibilité d'appliquer le point 1º du présent article, la signification de toute communication ou notification s'effectue au lieu d'affaires de la société étrangère au Rwanda ou par envoi à l'adresse de ladite société;

3° une procédure approuvée par la juridiction.

Ingingo ya 237: Guhindura inyandiko z'ishingwa ry'iisosiyete cyangwa izindi nyandiko

Iyo isosiyete y'inyamahanga ihinduye bimwe cyangwa inyandiko zikubiye mu busabe bwa kwandikwa, abayobozi bagomba mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko yuzuye imenyesha ihinduka ku nyandiko yabugenewe.

Isosiyete y'inyamahanga ikimara gushyikiriza

Article 237: Alteration of incorporation documents and any other documents

When a foreign company alters any of the matters or documents listed in the application for registration, the directors must within ten (10) working days of the alteration deliver to the Registrar General a duly completed notice of alteration in the prescribed form.

On the filing with the Registrar General of

Article 237: Modification des documents constitutifs et autres documents

Lorsqu'une société étrangère modifie un des points ou des documents énumérés dans la demande d'enregistrement, les administrateurs doivent transmettre, dans un délai de dix (10) jours suivant ladite modification, une notification y relative dûment remplie auprès du Registraire Général dans la forme prescrite.

En déposant auprès du Registraire Général les

Umwanditsi Mukuru inyandiko z'impinduka cyangwa ihindura, atanga, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), icyemezo cyabyo.

Ingingo ya 238: Inyandiko zihabwa buri mwaka Umwanditsi Mukuru

Abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga bashyikiriza Umwanditsi Mukuru buri mwaka ibaruramari ry'umwaka n'ifoto y'umutungo ngarukamwaka by'isosiyete y'inyamahanga

Ingingo ya 239: Ibaruramari ry'umwaka ry'isosiyete y'inyamahanga

Abagize Inama y'Ubutegetsi b'isosiyete y'inyamahanga bagomba kwishingira ko mu gihe cy'amezi atandatu (6) akurikira itariki fatizo y'ibaruramari yayo, ibaruramari ry'umwaka ry'umuntu ku giti cye cyangwa ibaruramari ry'itsinda ry'amasosiyete bigomba gutegurwa, gukorerwa igenzuramari, bikemezwa bikohererezwa Umwandisti Mukuru. Ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bikurikizwa ku masosiyete y'inyamahanga n'ibihinduka bikandikwa.

Ibikurikira ni byo byubahirizwa ku masosiyete y'inyamahanga hahinduwe ibikurikira:

1° igisobanuro cy'itariki fatizo y'ibaruramari mu biteganywa n'iri tegeko, cyahinduwe "kugira ngo hakurikijwe inyandiko z'ishingwa zigaragaze ko ari "gusaba

particulars of a change or alteration, the Registrar General issues a certificate to that effect within thirty (30) days.

Article 238: Documents delivered annually to the Registrar General

The directors of a foreign company deliver to the Registrar General the annual accounts and annual return of foreign company.

Article 239: Annual accounts of foreign company

The directors of a foreign company must ensure that, within six (6) months of its accounting reference date, individual or group annual accounts are prepared, audited, approved and delivered to the Registrar General. The provisions of paragraph 2 of this Article apply to foreign companies with the modifications specified in paragraph 2.

The following provisions apply to foreign companies with the specified modifications:

1° the meaning of "accounting reference date" in provisions of this law is modified so that reference to "incorporation documents" reads "application for

indications portant sur tout changement ou modifications, le Registraire Général délivre un certificat y relatif dans un délai de trente (30) jours suivant le dépôt.

Article 238: Documents transmis annuellement au Registraire Général

Les administrateurs d'une société étrangère transmettent au Registraire Général les comptes annuels et les rapports sur les rendements annuels de la société.

Article 239: Comptes annuels d'une société étrangère

Les administrateurs d'une société étrangère garantissent, dans un délai de six (6) mois suivant la date de référence de comptabilité de ladite société, l'élaboration, l'audit, l'approbation des comptes annuels de groupe et individuels et la transmission desdits comptes au Registraire Général. Les dispositions prévues à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent aux sociétés étrangères avec les modifications indiquées prévue à l'alinéa 2 du présent article.

Les dispositions suivantes s'appliquent aux sociétés étrangères avec les modifications suivantes:

1° le sens du terme " date de référence de comptabilité" dans les dispositions de la présente loi est modifié afin que la référence au "documents constitutifs" soit

kwandikwa" kandi ahavugwa iyandikisha ry'isosiyete hafatwe nk'ahavugwa mu kwandisha isosiyete y'inyamahanga;

2° igihe kivugwa mu ngingo ya 124 igika cya mbere, n'iya 125 mu gika cya mbere bihindurwa mu gihe cy'amezi atandatu(6) y'itariki fatizo y'ibaruramari.

Iteka rya Minisitiri rishobora guhindura ibisabwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kugira ngo bikoreshwe ku masosiyete y'inyamahanga kandi hashobora gushyirwamo n'ingingo zitandukanye bitewe n'ibibazo bitandukanye cyangwa ibyiciro byabyo.

<u>Ingingo ya 240</u>: Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka

Amakosa n'ibihano bijyanye n'ibaruramari ry'umwaka birakurikizwa ku masosiyete y'inyamahanga.

<u>Ingingo ya 241</u>: Inyandiko ngarukamwaka ku makuru

Abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga igenzura ko hubahiriza ko isosiyete iha Umwanditsi Mukuru buri mwaka, mu kwezi kwagenewe isosiyete muri iri tegeko, ifoto y'umutungo ngarukamwaka ku nyandiko iri mu buryo buteganyijwe isinywe n'abayobozi cyangwa haba hari umuyobozi umwe

registration" and references to the incorporation of the company are taken as references to registration as a foreign company;

2° the periods referred to in paragraph one of Articles 124 and paragraph one of Article 125 are modified to mean within six (6) months of the foreign company's accounting reference date;

An Order of the Minister may modify the requirements referred to in paragraph one of this Article for the purpose of their application to foreign companies and may make differing provision for different cases or classes of case.

<u>Article 240:</u> Misconduct and penalties in relation to annual accounts

Misconduct and penalties in relation to annual accounts also apply to foreign companies.

<u>Article 241:</u> Annual return of foreign company

The directors of a foreign company ensure that the company delivers to the Registrar General each year, during the month allocated to the company for the purposes of this Article, an annual return in the prescribed form signed by two directors of the company, or if there is only one director, by that director, and confirming:

lue "demande d'enregistrement" et les références à la constitution sont considérées comme les références d'enregistrement d'une société étrangère.

2° les périodes visées à l'alinéa premier de l'article 124 et l'alinéa premier de l'article 125 de la présente loi sont modifiées dans un délai de six (6) mois de la date de référence de comptabilité de la société étrangère; et

Un arrêté du Ministre peut modifier les conditions visées à l'alinéa premier du présent article pour leur application aux sociétés étrangères et peut prévoir des dispositions différentes pour différents cas ou catégories des cas.

<u>Article 240:</u> Fautes et sanctions relatives aux comptes annuels

Les fautes et les sanctions relatives aux comptes annuels s'appliquent également aux sociétés étrangères.

<u>Article 241:</u> Rendement annuel d'une société étrangère

Les administrateurs d'une société étrangère s'assurent la transmission annuelle au Registraire Général par la société, au cours du mois attribué aux fins d'application du présent article, un rapport sur le rendement annuel dans la forme prévue et signé par deux administrateurs de la société, ou

akaba ariwe usinya kandi akemeza:

1° ko amakuru ari mugitabo kuri iyo tariki y'umutungo ku bijyanye na:

a) izina ry'isosiyete y'inyamahanga;

b) abayobozi b'isosiyete y'inyamahanga;

c) icyicaro gikuru cy'ibikora by'ubucuruzi na aderesi y'isosiyete y'inyamahanga;

d) ibigize isosiyete y'inyamahanga;

e) abantu bemerewe guhabwa inyandiko mu Rwanda mu izina ry'isosiyete y'inyamahanga;

2° ibaruramari ry'umwaka ryashyikirijwe Umwanditsi Mukuru hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Ifoto y'umutungo ngarukamwaka ahabwa itariki ku munsi wo muri ukwo kwezi umutungo wangenwe ko ushyikirizwa Umwanditsi Mukuru.

Amaze kwandika isosiyete y'inyamahanga hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, Umwanditsi Mukuru akoresheje inyandiko imenyesha aha

1° that the information that is on the register is correct as at the date of the return in relation to:

a) the name of the foreign company;

b) the directors of the foreign company;

c) the principal place of business and postal address of the foreign company; and

d) the constitution of the foreign company;

e) the persons authorised to accept service in Rwanda of documents on behalf of the foreign company; and

2° that annual accounts have been delivered to the Registrar General in accordance with provisions of this Law.

An annual return shall be dated as at a day within the month during which the return is required to be delivered to the Registrar General.

On registration of a foreign company under this Law, the Registrar General, by written notice to the company, allocates a month to the company

dans le cas d'un seul administrateur, par ledit administrateur, et confirmant:

1° la véracité des informations contenues dans le registre à la date du rendement en relation avec:

a) le nom de la société étrangère;

b) les administrateurs de la société étrangère;

c) l'emplacement principal du lieu d'affaires et l'adresse postale de la société étrangère;

d) la constitution de la société étrangère;

e) les personnes autorisées à recevoir la notification des documents au nom de la société au Rwanda;

2° la transmission des comptes annuels au Registraire Général conformément aux dispositions de la présente loi.

Le rendement annuel porte la date d'un jour du mois au cours duquel ledit rapport doit être transmis au Registraire Général.

Sur enregistrement d'une société étrangère en vertu des dispositions de la présent loi, le Registraire Général attribue, par notification écrite à ladite

ukwezi isosiyete nk'uko biteganyijwe muri iyi ngingo.

Umwanditsi Mukuru ashobora na none mu nyandiko imenyesha guhindura ukwezi yahaye isosiyete bivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo cyangwa muri iki gika.

Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo :

1° isosiyete y'inyamahanga ntikora ifoto y'umutongo ngarukamwaka mu mwaka usanzwe yiyandikishirejemo uvugwa muri iri tegeko;

2° isosiyete ishamikiyeho ishobora ibyemerewe n'Umwanditsi Mukuru gukora ifoto y'Umutungo ngarukamwaka mu kwezi kwahawe isosiyete mbyeyi ku bw'iyi ngingo, aho kuba ukwezi yahawe.

Iyo abayobozi bananiwe kubahiriza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, isosiyete ishobora gucibwa ihazabu yo mu rwego mbonezamubano ivugwa mu ngingo ya 299 y'iri tegeko.

<u>Ingingo ya 242</u>: Kureka imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda

Umwanditsi Mukuru akura mu gitabo isosieyete y'inyamahanga;

for the purpose of this Article.

The Registrar General may by subsequent written notice alter the month allocated under paragraph 3 of this Article or under this paragraph.

Notwithstanding provisions of paragraph one of this Article:

1° a foreign company need not make an annual return in the calendar year of its registration under this Law;

2° a subsidiary may, with the written approval of the Registrar General, make an annual return during the month allocated to its holding company for the purposes of this article, rather than during the month allocated to it.

If the directors fail to comply with provisions of paragraph one of this Article, the company is liable to a civil penalty set out under Article 299 of this Law.

<u>Article 242:</u> Ceasing to carry on business in Rwanda

The Registrar General removes a foreign company from the register when:

société, un mois pour l'application du présent article.

Le Registraire Général peut, par une notification écrite additionnelle, changer le mois attribué en vertu de l'alinéa 3 du présent article ou du présent alinéa.

Sans considération des dispositions de l'alinéa premier du présent article:

1° une société étrangère n'est pas soumise à l'élaboration d'un rapport sur le rendement annuel au cours de l'année civile de son enregistrement en vertu de la présente loi; et

2° une filiale peut, sur base d'approbation écrite du Registraire Général, élaborer le rapport sur le rendement annuel au cours du mois attribué à la société mère pour l'application du présent article qu'au cours du mois attribué à ladite filiale.

Si les administrateurs ne se conforment pas à l'alinéa premier du présent article, la société est passible d'une pénalité civile prévue par l'article 299 de la présente loi.

<u>Article 242</u>: Cessation des activités commerciales au Rwanda

Le Registraire Général radie une société étrangère du registre lorsque :

1° Iyo Umwanditsi Mukuru yahaye ibaruwa isosiyete y'inyamahanga ayibaza niba ikorera ubucuruzi mu Rwanda hagashira amezi atatu (3) nta gisubizo abonye; cyangwa;

2° Umwandi Mukuru akaba yarahawe inyandiko imenyesha ivuga ko isosiyete y'inyamahanga yahagaritse ibikorwa by'ubucuruzi mu Rwanda.

Ingingo ya 243: Ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko

Ibiteganywa n'ingingo ya 262 bikurikizwa ku masosiyete y'amanyamahanga.

Ibiteganyijwe n'iri tegeko ku bijyanye n'ibyaha n'ibihano nabyo birakurikizwa ku masosiyete y'inyamahanga yanditswe mu Rwanda.

Icyiciro cya 2: Isosiyete idakora

Ingingo ya 244: Ibisobanuro by'isosiyete idakora

Isosiyete yitwa isosiyete idakora igihe cyose imara nta gikorwa cy'ibaruramari kigaragara gikozwemo.

Ingingo ya 245: Isosiyete ishobora kwandikwa nk'isosiyete idakora

Igihe isosiyete:

1° the Registrar General has served a letter on the foreign company enquiring whether it is carrying on business in Rwanda and does not within three (3) months receive any reply; or

2° there is delivered to the Registrar General a notice in the prescribed form stating the date on which a foreign company will cease to have a place of business in Rwanda.

Article 243: Enforcement

Provisions of Article 262 of this Law shall also apply to foreign companies.

